

IGIHE CYO GUHURIZA HAMWE N'IKIMENYETSO



Mwiriwe. Ni amahirwe meshi yo kuba turi hano muri iri joro, kandi tukaba duhagaze muri uyu mwanya.

² Njye, muri iki gitondo, nari ndimo kumanuka mu muhanda . . . Nari maze gusenga, ntegereje Uwiteka. Namanutse mu muhanda, mpindukiye mpura nu—n'umuvugabutumwa wo kuri radio, mwene Data Smith, mwene Data w'umwirabura (mwese mwigeze kumwumva muri iki gitondo? Ni inde muri mwe?) hejuru, ndizera ko ari Ohio. Hari umuntu wambwiraga ko yamamaza, ati: “Ugomba kumukurikira,” ibintu nk'ibyo.

³ Gusa nabaye nk'umubona, muri iki gitondo. Kandi rwose yari arimo kuvuga uburyo icyo cyaha cyari gikabije ku isi muri iki gihe, kandi yari . . . Nuko ndahindikira njya kure ho gato, mpagarara aho, ndamanuka numva undi. Igihe nageraga hano, nari niteguye, ndeba niba hatabayeho gukererwa kugera ku rusengeru, muri iki gitondo ubwo ninjiraga. Rero, dufite amahirwe rwose yo kuba hano iri joro, no gukora umurimo w'Uwiteka.

⁴ Kandi no kuvuga kuri mwene Data Neville, n'ubutumwa ku muni ukurikiraho, kuri uyu mudamu muto, mushiki wacu watuvuyemo vuba aha. Uwo yari, twese tuzi uwo yari we, ni Mushiki wacu Weaver. Kandi dutekereza ku mugabo uri hano, uri bubatizwe iri joro; ya . . . Namubatirije muri iki kidendezi igihe na . . . bagombaga kumuzana hano mu kagare k'abamugaye. Yari arimo gusamba, arwaye kanseri, kandi yari asigaje iryo joro gusa ryo kubaho; abaganga bari baramuhebye, yari gupfa umunsi ukurikiyeho. Ninjiye mu rugo iwe ngerageza kumuvugisha ku byerekeye gukiza kw'Imana, akomeza kubisubiramo, “Ntabwo nkwiye ko winjira muni y'igisenge cy'inzu yanjye.” Yaravuze ati: “Ntabwo—Ntabwo nkwiye ko umukozi w'Imana yinjira mu nzu yanjye.” Ni ko yavuze, “Ndi umunyabyaha.” Ariko aravugaga ati: “Nyakubahwa, sinshaka gupfa gutya.” Kandi rero Grace Weber, kuva haruguru aha, yaramanuye anzeza aho hepfo. Nahise ninjira, naniwe mvuye mu nama; ngezeyo igihe namusengeraga, nkamusomera Ibyanditswe, yahise akizwa. Ubwo, ntiyashoboraga kuzamura ukuboko kwe, ariko yashakaga guhana ikiganza n'abantu bose. Gusa . . . hari ikintu cyamubayeho.

⁵ Mu gihe barimo bahana ibiganza, mbona iyerekwa agiye mu kibuti cy'inkoko, akagaruka. Naravuze nti: “Ni byiza, ubu byose bigiye kugenda neza;” none hashize imyaka cumi

n'umunani. Kandi yari yaribasiwe na kanseri, igihe cyose. Niba yarapfuye... Ntabwo yigeze yicwa na kanseri, yafashwe n'indwara y'umutima iramwica. Bamushyize mu byuma bimwongerera umwuka; yapfuye azize indwara y'umutima.

⁶ Hanyuma icyo gihe ndatekereza, ako kanya nyuma abantu bamaze gusohoka, nuko bararirimba, *Nuko Yesu araza*. Ni byo nyakuri byabaye, Yaraje arokora ubuzima bwe muri iyo myaka cumi n'umunani. Nuko ndatekereza nti: "Uburyo bukwiye." Uwo mugore birashoboka ko atari azi ko yari arimo kubikora gutyo. Hanyuma, nanone yagombaga kubimenya. Ariko buriya ni gute byari bikwiye kugira uruhare muri ibyo, *Nuko Yesu araza*.

⁷ Noneho ni igihe gito mbere, Ndi—Ndizera ko, gahunda yanjye ikomeye mu materaniro. Rwose narushye. Muri iki gitondo, nari numiwe, nazamutse njya gu—gusenga. Nanjye—Ndi mu rugo, ngarutse hano. Umuryango, gusa wabajyanye muri Arizona, nanjye ndi... abana bajya mw'ishuri. Kandi nagarutse hano ku—ku bimeze nk'ikiruhuko, nkajyana na mwene Data Wood hamwe n'itsinda ry'abavandimwe hano; gusohoka tukajya guhiga, muri iki cyumweru gitaha. Tukazajya muri Kentucky. Kandi nari... nabaye muri... Gusa byarabaye ko nza ku muni uwo—uwo Madam Weaver yapfiriyeho, kandi byari ngombwa ko mpaba kugirango mfashe mwene Data Neville muri iryo shyingura.

⁸ Kandi singerageza ku... Singerageza ku—kubivugaho byinshi, murabizi, nzengurutswe n'abantu bitotomba. Kuberako, ngira ngo, kimwe mu bintu biteye ubwoba cyane ni ukubona u—umugabo cyangwa umugore uhora witotomba. Nahoraga ntekereza nti: "Mana, bindinde." Reba, ibyo—ibyo bigabanya kwizera igihe cyose, murabizi. Wowe gusa—wowe gusa... niba wowe—niba wowe... Ndabizi uko bagenda bakura, buri wese muri twe, tugiye kubona ikintu kibaho kandi ikintu gikoreka. Kandi nzi ko utwo tuntu duta tugiye gukomeza twiyongera, uko mugenda mukura, tugomba kwiyongera. Ariko ntekereza ko kimwe mu bintu biteye ubwoba cyane, ari uko Satani yambika ikamba ubuzima bw'umuntu: umusaza w'iminkanyari cyangwa umukecuru, urabona. Ndi—Ndizera ko ntaragera aho hantu. Nizere ko nshobora kuyihanganira, imitwari yanjye, na—hanyuma ugere ahantu hamwe... Ndashaka ko ubuzima bwanjye bwambikwa ikamba ry'Icyubahiro cy'Imana: Kwihangana kwe, ubwitonzi, amahoro, n'ubugwaneza, kandi yuzuye Umwuka Wera.

⁹ Nanjye... kimwe mu bintu byanjye by'ingenzi bihora bimbabaza mu buzima bwanjye, byari uburakari bwa hato na hato. Ko iyo imbaraga zinshizemo, ndananirwa rwose. Ndabona... musa nk'aho mwiyumva ko nta muntu ubitayeho, murabizi, kandi—kandi mwese uko muri... Murabifite namwe. Kandi byashoboka ko nafashe imiti irengeje urugero, murabizi, rero bigenda birushaho kuba bibi, kandi sinshobora

kugorana...Ni impagarara, kandi ni cyo kibikora. Kandi ngera kuri urwo rwego inshuro nyinshi, cyane cyane hamwe n'ayo mayerekwa, murabona, binkora k'umutima. Nitegereje umuntu, ngira ngo, "Iri ni iyerekwa. Oya, oya, oya, ntabwo ari byo. Yego! Ntabwo ari byo?" Murabona? Kandi ntimushobora kumenya ari ikihe giciro kijyanye n'ibyo. Noneho rero—Noneho rero—muribaza. Noneho mutangira gutekereza muti: "Ni byiza, uri..." Noneho muva ku ruhande rwanyu mukavuga muti: "Ni byiza, noneho, ni iki—Nakoze iki? Hano ndi, ndi—Mfite imyaka mirongo itanu kandi ntacyo nakoreye Uwiteka; nanjye—Ndashaje. Kandi ni iki...? Oh, my." Noneho ubona gusa... ibyo twakundaga kwita "ubururu." Bamwe muri mwe bene Data b'urungano rwanjye mwibuke icyo bakundaga kwita "ufite ubururu." Pop yakundaga kubiganiraho nuko nkibaza icyo yashakaga kuvuga, kandi nzi neza noneho icyo yashakaga kuvuga. Noneho rero, murabona ko kubyumva gutya, ari nta kintu na kimwe cy'ukuri; ni mwebwe mwenyine, mwe murabizi. Murareba, murabizi, ni mwebwe mubikora.

¹⁰ Rero ubu nari ndimo kugerageza guceceka gato, hanyuma mwigereye i—imbaraga nyinshi nizera ko zigiye kuza vuba. Hanyuma ubwo nyuze... Ngomba kujya i New York aka kanya, kandi nda... mu nama izabera hariya, y'ubukangurambaga. Hanyuma nzamanuka njya i Shreveport, maze usubire muri Phoenix. Hanyuma zenguruke iburengerazuba... ku mupaka wo mu majyepfo ya Leta zunze Ubumwe. Noneho ubu barimo gutegura gahunda mu mahanga, gutangira vuba bishoboka nyuma y'itariki ya mbere y'umwaka, ahari ni muri Werurwe, Mata, ikintu nk'icyo; dutangirire i Stockholm cyangwa Oslo, hanyuma tuzenguruke isi, niba tubishoboye muri uru rugendo rutaha.

¹¹ Noneho ubu ndi mu rugo, mu rwego rwo kuruhuka gato, kugirango nitekerezeho kandi nduhuke. Niba kandi Umwami abishaka, nzagaruka ku cyumweru gitaha, mvuye i Kentucky. Kandi—kandi niba ari byiza, gushimisha Uwiteka, kandi mwene Data Neville ntabyiteho; ni byiza cyane, nzagerageza gukora umurimo ku cyumweru gitaha, niba—niba Uwiteka abishaka. Niba kandi abishaka nk'uko Mwene Data Neville abishaka, njye—Nzaba ndi hano. Yego mugenzi, Ari nka... niba abishaka ku byerekeye Mwene Data Neville. Ndizera ko abishaka. Noneho, reba, noneho nzi ko nzabanguka vuba, niba Uwiteka abishaka, ngiye kujya kure yanyu igihe kitari gito.

¹² Nanjye... ubutumwa buto gusa, nk'uko mfata akantu gato ku mutima wanjye, hanyuma Njye—Njye—Njye—Ndumva nshaka kubibabwira, murabona, kandi dushobora kubisabaniraho. Noneho, mfite abatari bake muri bo, batanu cyangwa batandatu bangezeho mu minsi yashize. Nuko ndagenda, iminsi ibiri hano, njya guhiga inkima. Nuko ninjye mw'ishyamba, mfata ikaramu n'urupapuro. Murabona?

Noneho hari mu gihe hari hameze neza umunsi uciye ikibu, nsubira inyuma negamira igitu ahantu hamwe. Iyo ntashaka kujya kuryama, ntangira gusenga, hanyuma nka, Uwiteka agatangira kumpa ibyo nandika, nuko ngatangira kwandika bike muri byo, murabona. Uzi icyo nshaka kuvuga; iyo ugeze ahawenyine, hanyuma uka... Noneho nkabijyamo, nkandika byose ku rupapuro. Noneho iyo bampamagaye, ndiruka ngafata za mpapapuro zanjye maze nkazirambura nkabonamo icyo nshobora gutangiriraho, murabona. Ni byo byabayeye nonaha.

¹³ Ubu rero, ndashaka, niba Umwami abishaka, kuvuga neza... Ndagerageza gukora... kubaha incamake y'ubutumwa bugari, burebure, murabona; aho bibafata amasaha. Kandi Uwiteka yamfashije kubikoraho akazi keza cyane kandi kagufi muri Chicago, ijoro rishize, nk'iminota mirongo itatu. Umuntu arazenguruka, aravuga ati: "Sinatekerezaga ko byari muri wowe, ariko wabikoze!" Iminota mirongo itatu rero, uhereye ku masaha abiri n'igice, cyangwa atatu, murabizi. Birashoboka rero ko nshobora kwihuta muri iri joro nkacunguza uburyo umwete, simbafate igihe kirekire.

¹⁴ Imana ibahe umugisha. Ahantu hose njya, nti hazigera habaho ahantu hameze nka hano muri uru rusengeru. Ni urugo, urugo rwiza. Kandi nguwe neza n'umuryango wa Weaver. Kandi hamwe n'uyu mwene Data w'umwirabura witabye Imana, twarasenganye mbere gato yuko agenda, kandi yari afite imico myiza. Kandi ubungubu ari imuhira hamwe n'Imana, kandi byose birarangiye. Kandi yagombaga kugenda uko byagenda kose, twese turabizi. Turi rero... Uwiteka aruhukirize ubugingo bwabo mu mahoro, kandi umunsi umwe turizera kuzahurira nawe hariya mu Gihugu, ahatari uburwayi, intimba, cyangwa urupfu. Kugeza icyo gihe, reka dukore ibishoboka byose ku butumwa bwiza.

¹⁵ Kuvuga ku guhangayika, nari ndimo kubisengera muri iki gitondo. Ni iki wakora uramutse udafite imihangayiko? Ni mu bitekerezeho. Guhangayika ni kimwe mu bigize ubuzima. Ikintu nk'iki cyansubijemo intege ubwo nagitekerezagaho. Iyo udafite imihangayiko, wamera nk'igipupe cyambaye ubusa, ntiwaba ufite amarangamutima. Nta kintu na kimwe ushobora gukora. Nk'umugabo n'umugore, byashoboka ko iyo umugore ashaka kugira icyo akora, kandi bakagerageza gukorera hamwe (cyane cyane abakristu), undi agashaka... Hanyuma iyo mugiyeye hamwe ku... umenya icyo umugore yakoze; arabimenya... Reba, imihangayiko rwose irabahuriza hamwe. Kandi umuntu arakubwira ati: "Ni byo," ati: "tekereza gusa ku mugore muto wagiye munsi y'imihangayiko myinshi mu gihe utamubereye mwiza cyane," cyangwa "umugabo wagiye mu mihangayiko imwe n'imwe mu gihe utamubereye mwiza cyane. Noneho iyo byose byababariwe, reba uko wamwiyumvamo. icyubahiro kibe icy'Imana, wowe u... " Reba, ugomba kugira imihangayiko. Ibyo

ni ko bimeze.

¹⁶ Kandi tekereza gusa, kubyiyumvo, byagenda bite niba mutarigeze mugira ibyiyumvo, nta bubabare cyangwa nta kintu na kimwe? Byagenda bite se niba nta bubabare na busa? Ntabwo mwagira ibyiyumvo na gato. Murabona? Niba kandi mudafite ibyiyumvo, noneho kimwe mu byumviro byanyu cyaba cyarapfuye. Murabona? Noneho, reba, ibintu byose birakwiye uko byagenda kose. Noneho, “Mana, gusa duhe ubuntu bwo kubihagararaho,” ni ko bimeze. Niba duhagaze gusa kuri ubwo buntu, tugahagarara aho tukavuga tuti: “Turabizi ko iyo ubu buzima burangiye, hari igihangange ku rundi ruhande aho dushaka kujya.” Noneho, twe—twibutse ko ibyo bintu byose, ibyo ni impagarara.

¹⁷ Ibyo, abantu bamwe bagerageza kumenyekanisha ubukristu, ibyo “udafitiye impungenge. Uri . . .” Oya, ntabwo uri. “Ntabwo uri mu mihangayiko.” Oya, oya! Wongeraho imihangayiko iyo ubaye umukristo, kuko wari umeze nk’ahantu hahanamye, wishimye-ugenda-uhiriwe, ibintu ibyo ari byo byose byari bihari, utitaye ku byo wakoze.

¹⁸ Ariko iyo ubaye umukristo nyawe, buri mwanya uba urimo kwibaza uti: “Ndashimisha Umwami wanjye nte? Iyaba nashobora kumwumva!” Bigutera impagarara, bigatuma uhangayika. Ni byo bigutera kuba icyo uri cyo. Nyuma ya byose rero, imihangayiko ni umugisha. Ni bwo buryo urimo kubibonamo. Ni uburyo urimo kubibonamo. Murabona? Niba ureba ku rundi ruhande, hari—hari . . . N’ubwo wafata ikintu ukagicamo uduce duto, uba ugifite impande ebyiri zatwo, urabona. Ushaka rero kubona impande zombi.

¹⁹ Imihangayiko rero . . . Ndatekereza ko, “Oh icyubahiro kibe icy’Imana, ni . . . Iyo mihangayiko ni iy’iki? Iyo nza kuba naravutse nta mihangayiko.” Ni byiza, iyaba ntaza kugira iyi mihangayiko, sinari kuba ndi icyo ndi cyo. Ntabwo nari kuba umukristo, birashoboka. Iyi mpagarara ni yo yanyoboye kuri Yesu Kristo. Murareba? Rero, byabaye umugisha kuri njye.

²⁰ Noneho rero, nk’uko Pawulo yabivuze, nk’uko yagize imihangayiko cyangwa ikintu kimwe cyangwa ikindi, yari yagishije inama Uwitwaga ku—kubumukuramo inshuro eshatu. Uwitwaga aravugaga ati: “Sawuli, icyubahiro kibe icy’imana . . . Pawulo, Ubuntu bwanjye buraguhagije.”

²¹ Yaravuze ati: “Noneho, nzishimira ubumuga bwanjye. Noneho n’ubwo mfite intege nke, ndakomeye.” Murabona? Igihe cyose kijyanye n’ubushake bw’Imana, ni byiza.

²² Noneho, We namutabaje inshuro imwe igihe bwambabazaga cyane, bwanteye ubwoba. Nuko arambwira, hashize imyaka umunani cyangwa icumi, Yaravuze ati: “Ntabwo buzongera kugutera ubwoba.” Kandi ntabwo bwigeze bubikora. Oya, mugenzi; ntubirebe ntu—ntubiyiteho. Gusa ndabyumva, ariko

nzi ko buhari; ariko ndakomeza gusa kuko butanteye ubwoba, ndashima kubw'ibyo.

Noneho, Yashoboraga kuvuga ati: “Ntabwo bizaba bikiriho,” kimwe na, “Ntuzongera kugira ubwoba ukundi.”

²³ Ni ubushake Bwe rero ko bibaho, nuko nkabyemera gusa nkavuga nti: “Urakoze, Mwami, nzagenda muri ubu buryo.”

²⁴ Noneho, reka twunamishe imitwe yacu akanya gato ku—kubwo gusenga. Ese haba hariho icyifuzo cyihariye cyo gusengera? (Ndabona ibitambaro biri hano.) Zamura ikiganza cyawe. Mwami, uhe umugisha buri wese mu bana bawe.

²⁵ Data wa twese wo mu ijuru, mu gihe twegereye Intebe yawe ikomeye, Intebe y'icyubahiro y'ubuntu, kuko twasabwe kuza. Turaje mu cyifuzo cya Yesu Kristo. Kandi twese tuzanye ibyifuzo byacu, We tubimusuke imbere kuko Atwitaho. Mbega ukuntu iryo ari ihumure rikomeye, kumenya ko atwitaho. Imana Ikomeye yo mw'Ijuru, Rurema, itwitaho, ibiremwa Bye. Turishimye cyane kubw'ibyo, Mwami. Mbega ihumure muri ibi bihe turimo, mu gihe bigaragara ko bishoboka gu—gukura ihumure atari ku busa ahubwo kw'Ijambo Ryawe. Iryo ni ihumure ryacu, ni Isezerano Ryawe. Kandi mw'Isezerano Ryawe, Wavuze ko tuzakumenyesha ibyifuzo byacu, kandi uti: “Nimugira icyo munsaba icyo ari cyo cyose mw'Izina ryanjye, Nzagikora.” Kandi ayo Masezerano yose arakomeye: “Saba uzahabwa. Bwira uyu musozi uti: ‘Imuka,’ kandi ntugire gushidikanya, uwo umusozi uzimuka.” Aya Masezerano yose, kandi dushobora gukuramo Ibyo gusa n'ibyo dusaba.

²⁶ Ibiganza byazamuwe, hari icyo bakeneye, Mwami. Uzi ibyo bakeneye; bibahe, Data. Nshyize amasengesho yanjye hamwe n'ayabo imbere yawe, ndambitse ikiganza cyanjye hejuru y'ibyabo. Hano ku meza, harambitse ibitambaro. Yoo, burya abantu bafite kwizera, kwizera gukomeye, Mwami. . . . Bisa nk'ikintu gusa wampereyemo umugisha, kubasha gusengera abarwayi. Ahantu hose, ahantu aho ari ho hose, aho njya hose, ni ku byerekeye gusengera abarwayi. Mana, tabara nonaha. Ndasenga mbikuye ku mutima ko Uza gusubiza ibyifuzo by'ibi bitambaro byashyizwe hano, ku bantu basabye. Reka Impuhwe zawe zibabeho.

²⁷ Mwami, twumva ko Mushiki wacu Hicks yazanye umugore hano, ko yazengurutse ahantu hose kugirango asengerwe, n'iyi kanseri; kandi ndashakaga kumenya niba ashobora kumugeza hano. Ndasenga, Mana, kugira ngo urinde ubuzima bw'uwo muntu; bitwemerere. Mwishywa wanjye muto, Mikie, araryamye ararwaye kandi arimo kuruka, afite umuriro mwinshi, ashotse mu muryango. Mwami, Ni—Nizera ko tugize isengesho ryo kwizera aho ngaho kandi ko wabihagaritse, kandi nda—nda—Ndagushimiye, kumva umuriro uva muri uriya mwana w'umuhungu mbere y'uko mva mu cyumba.

²⁸ Noneho, Mwami...kandi ndagushimiye ku bintu byose. Rero biranshimisha kuvuga Ijambo ryawe. Duhe Ijambo Ryawe, Mwami. "Ijambo Ryawe ni Ukuri." Ha umugisha ubugingo bwacu kandi uduhe u—ubuntu dukeneye, kugirango tuburoneremu masezerano y'Imana muri iri joro, mw'Ijambo, kugirango budukomeze mu gihe gisigaye cy'iki cyumweru; bitwemerere. Ha umugisha umushumba wacu, ubu bugingo bw'intwari, umugore we, abana be, abadiyakoni, abashinzwe imirimo, n'umuntu wese winjiye cyangwa usohoka muri iyi nyubako; bitwemerere, Data. Mw'izina rya Yesu Kristo ni ho dusabye iyi migisha. Amina.

²⁹ Noneho, ndashaka gusoma ahantu habiri mu byanditswe by'Umwami. Ndashaka kubanza gusoma mu Gitabo cya Zaburi, Zaburi ya 86. Hanyuma ndashaka kuza gusoma muri Mutagatifu Matayo, igice cya 16, 1 kugeza 3. Kandi ndashaka gusoma igice cy'iyi zaburi, ntabwo ari byose ariko muni y'umurongo wa 11, ni hejuru ya kimwe cya kabiri cyacyo.

³⁰ Kandi ndashaka kubitangaza, niba mpamagaye inyangirakore, mbere yuko mbwiriza kuri ibi: *Igihe cyo Guhuriza Hamwe n'Ikimenyetso*. "Ikimenyetso cy'igihe cyo guhuriza hamwe," ibyo bisa nk'aho bigoye. *Guhuriza hamwe* (Murebe?) *Igihe*, igihe cyo guhuza, ni ko bimeze ubu. N'*Ikimenyetso* gihuza cy'icyo gihe.

³¹ Muri—muri Zaburi, isengesho rya Dawidi, Zaburi ya 86.

Mwami, ntegera ugutwi, unshirize, kuko ndi umunyamibabaro n'umukene.

Rindirira umutima wanjye; kuko ndi umukunzi wawe: Yoo Mana yanjye, kiza umugaragu wawe ukwiringira.

Mwami, mbabarira, kuko ari wowe ntakira umunsi ukira.

Wishimishiriza umutima w'umugaragu wawe, kuko ari wowe Mwami ncururira umutima.

Kuko wowe Mwami, uri mwiza, witeguye kubabarira; kandi wuzuye imbabazi ku bakwambaza bose.

Uwitwaga, tegera ugutwi gusenga kwanjye;... tyariza ugutwi ijwi ryo kwingingira kwanjye.

Ku muni w'amakuba yanjye no ku w'ibyago byanjye nzakwambaza, kuko uzansubiza.

Yoo, mbese ntibinejeje? "Uzansubiza."

Mwami; mu bigirwamana nta gihwanye nawe, kandi, nta mirimo ihwanye n'iyawe.

Mwami, amahanga yose waremye; azaza akwibubite imbere akuranye, kandi bazahimbaza izina ryawe.

Kuko ukomeye, kandi ukora ibitangaza: ni wowe Mana wenyine.

Nimwumve noneho:

Uwiteka, ujye unyigisha inzira zawe; na—nanjye nzajya ngendera mu murava wawe: shyira umutima wanjye gutinya izina ryawe. (Huriza hamwe! murabona?) . . . ibiri mu mutima wanjye.

³² Ndavuga ubu ku bijyanye *n'igihe cyo guhuriza hamwe n'ikimenyetso*. Noneho, mu gice cya 16 cya Mutagatifu Matayo:

Abafarizayo n'abasadukayo baraza, . . . bamusaba ngo, abereke ikimenyetso kivuye mu ijuru kugira ngo bamugerageze.

Arabasubiza ngo, iyo bugorobyeye muravuga ngo, Ha . . . Hazaramuka umucyo kuko ijuru ritukura.

na mugitondo muti, haraba umuvumbi. . . ikirere kibi uyu muni: kuko ijuru ritukura kandi ryarabura. Yoo, mwa ndyarya mwe, muzi kugenzura ijuru uko risa; ariko munanirwa kugenzura ibimenyetso by'ibihe?

Uwiteka yongere imigisha y'ubuntu mu gusoma iri Jambo.

³³ Noneho, turavuga kuri iki gihe cyo guhuza, guhuza; ikimenyetso cy'igihe. Murebe, Yesu yari ari hano, muri uku gusoma icyanditswe cya nyuma, Yamaganaga inteko kuba badashobora kumenya igihe cyangwa ikimenyetso cy'icyo gihe. Noneho, ibyo byahoze ari ikintu gikomeye ku bantu, murabona, kugirango mubashe *gutahura ikimenyetso cy'igihe mubayemo*; kubera ko Imana yabyanditse neza kugirango hatagira ubihunga.

³⁴ Noneho, mu bisanzwe, nasubiraye ngafata abandi bakozi b'Imana, abandi bagaragu b'Imana mu gihe cya Bibiliya (nk'ikimenyetso mu gihe cya Nowa, ikimenyetso cy'igihe cya Daniel kandi—n'ibindi, ibimenyetso bitandukanye), ariko ndashaka kurenga iryo joro ku—kugeza kuzigama umwanya, kugirango mubashe. . . Ariko buri gihe byabaye inzira y'Imana, kubaha i—ikimenyetso gisanzwe cy'igihe, kugirango buri wese amenye isaha n'igihe bya—byabereyeho. Kandi aba Bafarisayo bari bakwiye kumenya igihe cyabo. Bagomba kumenya igihe icyo ari cyo. Mu wundi mwanya yaravuze ati: “Iyo muza kumenya Njyewe, mwari kumenya umunsi Wanjye.” Murabona? Ni—ni byiza cyane, a—ikintu gikomeye twumva. murebe, “Nta kumva!”

³⁵ Ni byo bahoraga babwira abahanuzi, baravuze bati: “Kandi yari asobanukiwe, n'amabonekerwa y'Uwiteka. Ijambo ry'Umwami riza ku—ku bahanuzi ba kera.” Murareba, basobanukiwe Ijambo ry'Uwiteka, binyuze mu bahanuzi. Hanyuma, abahanuzi batanga ikimenyetso. Nk'uko, umugabo umwe yaryamiye ku ruhande rumwe umwanya muremure, hanyuma arahindikira aryamira ku rundi ruhande. Umugabo umwe yagombaga kwiyambura imyenda. Kandi yewe, hari ibintu byinshi bakoze kugirango berekane ikimenyetso babayemo. Noneho tumenye ko Imana yaremye amajuru n'isi, nu—nuko ashya ahagaragara umurimo We ku buryo

Yashoboraga gusobanura igihe Cyeye akoresheje ikimenyetso, icyo Imana irimo uyu muni. Tugomba rero kuba, ikintu runaka . . . Nk'uko tubona i—igihe turimo, hagomba kubaho ikintu runaka umuntu yirengagiza, ahantu runaka. Murabona? Kubera ko Imana itazigera ireka ibyo bintu ngo bibeho itaduhaye ikimenyetso gifatika, aho, aho—aho ni ko tubyumva.

³⁶ Noneho dore ikintu kiriho uyu muni, ko abayobozi b'amatorero, tutagisoma neza. Ni nk'uko byari bimeze icyo gihe, ntibatekereje ko igihe kigeze. Bo—batekerezaga ko babayeho mu mahoro neza nk'icyo gihe, bityo ntibashakishye Mesiya. Kandi Yesu yavuze ko Ukuza kwe kuzaba “nk'uko umujura aza nijoro,” igihe—igihe abantu baba batazi Ukuza kwe. Ariko hari bamwe mu bakobwa b'amasugi bagiye kumusanganira, kimwe cya kabiri cyabo, bari bafite amavuta mu matara yabo kandi bari biteguye; bitegerezaga icyo kimenyetso. Kandi uwo ni we mvugana na we muri iri joro, murebe, ku bashaka ibimenyetso ubu, ikimenyetso cyo Kuza Kwe.

³⁷ Ibi bimenyetso byatanzwe n'Uwitwaga, bihabwa abizera gusa. Abatizera ntibigera babibona. Bagenda neza hejuru yabyo, kandi ntibabibona. Noneho, rero mu by'ukuri ni wa Mumalayika w'Imana ushobora guhagarara kuri uru ruhimbira iri joro, nk'uko ari ukuri nku—nk'uko ndimo kubareba, kandi nashoboraga kubitegereza; cyangwa mwashoboraga kubireba ariko nje sinshobore kubibona, cyangwa nashoboraga kubibona ariko mwe ntimushobore kubibona. Noneho, uzi ko ibyo ari Ibyanditswe; ibyo ni Ukuri rwose. Barabibonye . . . Uzi ko Pawulo yaguye hasi, ariko nta . . . nta n'umwe muri bo washoboye kubona uwo Mucyo.

³⁸ Urwo Rumuri rwari aho igihe Yohana yahagararaga imbere y'imbaga y'abantu, n'ibihumbi hakurya hariya, by'abayobozi b'amadini na—n'abanyabwenge, abantu bakomeye. Yohana na we ubwe, yanditse amateka yo kubona Umwuka w'Imana amanuka nk'inuna akamanuka kuri We, n'Ijwi rirangurura riti: “Uyu ni Umwana wanjye nkunda muri We ni ho nishimiye gutura.” Kandi ntawabibonye uretse Yohana. Murabona? Ibyo byari ibye gusa.

³⁹ Mwabonye uburyo bugaragara, ikimenyetso cy'abanyabwenge? Baracyitegereje, bari . . . Bari Abaheburayo. Ntabwo mu by'ukuri bari abahanga mu by'imibumbe yo mu kirere b'Abahinde, bari Abaheburayo; kuberako bari hejuru aho muri kiriya gihugu biga iby'imibumbe, kugirango barangize amashuri. Kandi igihe bari . . . bitegereje i Yerusalemu, bari bazi ko babonye izo nyenyeri eshatu Kuva kuri buri wese wo mu—mu inzira yabo y'amavuko, ya Ham, Shemu, na Yafeti, ubwoko bakomokagamo, buri wese, kandi bababonye inyenyeri mu nzira zabo zavutse. Icyo cyari ikimenyetso kuri bo, igihe izo nyenyeri zari ku murongo, Mesiya yari ku isi.

⁴⁰ Yoo, icyubahiro kibe icy'Imana! Ntibitangaje kuba baje, “Ari

he? Ari he Uwo wavutse ari Umwami w'Abayahudi? Twabonye Inyenyeri Ye mu Burasirazuba, kandi twaje kumuramya. Ari he?" Bamenye ko uriya mwana Mesiya yari aryamye ahantu, kuko Imana yabahaye ikimenyetso cy'igihe, ko Imana n'abantu bihuriye hamwe. Mbega ubumwe, mu gihe Imana yihuriye hamwe m'umubiri w'umuntu! Ikintu gikomeye, mu bintu byose byabayeho, ni igihe Imana yunze ubumwe n'umuntu; isiga Ibyayo—Imbaraga Zayo zikomeye zo kuba Imana maze arambura ihema ryayo yisanisha n'umuntu, hanyuma Iba umwe muri bo, no kubacungura. bagirana Ubumwe. Ibyo ni ibiki? Ibyo byazanye amahoro hagati y'Imana n'umuntu ubuziraherezo. Mbega ukuntu dushimira.

⁴¹ Kandi ibimenyetso ntibyoherejwe. . . Noneho tekereza gusa, buri muntu, hamwe n'abahanga mu bumenyi bw'imibumbe yo mu kirere; abantu, bo muri icyo gihe, amasaha yabo yari inyenyeri. Hariho umurinzi wazamukaga hejuru ya—y'umunara, akazamuka akareba. Kandi yabonaga igihe inyenyeri zimwe zabaga zishyize hamwe mu buryo runaka, uko zarengaga, yahitaga amenya isaha n'igihe. Muribuka mu Byanditswe Byera, "Murinzi we, igihe kigeze he?" Umurinzi aragaruka amubwira isaha n'igihe. Nimurebe, bamenyaga igihe bahereye ku nyenyeri.

⁴² Noneho, ntibitangaje kuba izo inyenyeri zari zishyize hamwe neza kubw'abagabo batatu kandi ko ntawundi wabibonye? Murabona? Gusa neza neza ku murongo. Noneho, mushobora kwemeranya n'Ibyanditswe. Murabona? Ubwo izo nyenyeri zahindukaga mu bumwe, zishyize hamwe muri iri huriro ry'inyenyeri, abagabo batatu nabo babaga bunze ubumwe icyarimwe. Kandi uko ni ko mushobora kwihuza n'Imana, mw'Ijambo ryayo, kugeza igihe ibyo bintu biza kuba impamo, kandi mushobora kubireba mukamenya ko ari ukuri. Murabona? Ikimenyetso cy'igihe! Mushobora kuba mwareba neza hejuru yabyo, maze mukavuga muti: "Apuu, ntacyo bivuze!"

⁴³ Ariko kuri *mwebwe* ntabwo ari ubuswa. Kuri mwebwe, mwunze ubumwe n'Ijambo, kandi Riri hano. Noneho ni—ni Umucyo rwose, Mwene Data Pat, Igihe—igihe—igihe—igihe ubonye iki kimenyetso gihuza n'abizera. Kandi uwo ni we mbwira ibi ngibi, ni umwizera, kuko utizera atigera abibona. Kandi mbega ukuntu byari ugucyaha iyo aza kuba hano ku isi, kuri benshi mu bayobozi bacu b'amadini, badashobora gusoma iki kimenyetso; ibimenyetso dusoma buri muni hano mu rusengeru, no kubona ibintu. Abandi barabisoma bakabona ibyandikishijwe intoki ku rukuta, kandi nyamara benshi barabyirengagiza gusa, ndetse ntibanabibona na gato. Ntacyo bivuze kuri bo na gato; ntibabibona.

⁴⁴ Noneho menya ko muri ibi, ko We—We yerekanye ibimenyetso biranga igihugu. Noneho, igihe We bamubazagaho, babaga bashaka ibimenyetso; abaha ibimenyetso byabayeho. Kandi bashakaga kumenya igihe imperuka y'isi izabera,

n'ikimenyetso cy'imperuka. Kandi Yaberetse ahantu henshi mu Byanditswe havuga ku bijyanye n'ibimenyetso by'Iguhugu, ku bijyanye n'ikimenyetso cyo mu ijuru kiri mu kirere, hamwe n'ikimenyetso cyo ku isi; Yabahaye ibimenyetso, ikimenyetso, ibimenyetso, buri gihe ikimenyetso gusa. Kandi igihe... Yababwiye hariya hantu hamwe ku byerekeye ikimenyetso cy'igihugu. Yaravuze ngo: "Iyo ubonye amahanga," murebe, "atangiye kuzenguruka Yeruzalemu," murebe, noneho mumenye ko igihe cy'ibibazo byabo cyegereje, "ubwo muzabona Yeruzalemu izengurutse n'ingabo."

⁴⁵ Noneho, mbere y'ibyo bashoboraga gukora ibi, Mana... isi yagombaga kwishyira hamwe. Titusi, uyu mujenerali ukomeye w'Abaroma, yagombaga guhuza ingabo ze akazenguruka, nyuma y'uko abo Bayahudi banze ikimenyetso-cyatanzwe n'Imana kuri bo. Ni cyo gihe Titusi yahuriye hamwe ingabo ze, akaza gufata umujyi. Ubwa mbere hagomba kubaho guhuza ubwoko bw'Imana (ibyo-bitaga) kurwanya Ijambo ry'Imana, mbere yuko ishyanga ryashoboraga kwishyira hamwe kurwanya ubwoko bw'Imana. Nimurebe, u—u—ubumwe, uguhuza; guhuriza hamwe.

⁴⁶ Nizera ko tubayeho mu gihe gikomeye cyo guhuriza hamwe. Nkuyeho aya matara atukura, n'ibi bimenyetso by'amatara n'ibintu byose (by'abagore, uko bakora; n'abagabo, uko bakora; n'amatorero, uko akora), kwereka iri tsinda rito, n'umutima wanjye wose, ko nizera ko turi mu murongo w'Ijambo ry'Imana muri iyi saha ikomeye yo guhanura, mbere gato yo Kuza k'Umwami Yesu; guhuriza hamwe no kwitegura.

⁴⁷ Noneho, urabona, mbere yuko Tito ahuza amahanga ya...ingabo ze hamwe, Isiraheli yishyize hamwe ubwayo maze iriyunga, kugira ngo batemera ko Yesu ari Mesiya. Baramwanze, baramuhindukirana, baramubamba. Hanyuma, igihe banze agakiza bohererejwe, bishyize hamwe kugirango babikore. Noneho, uzirikane ibyo: kwishyira hamwe, kwanga Ubutumwa bw'igihe! Bagombaga kubikora batyo. Hanyuma ubwo bamaraga gukora ibyo, ni bwo ikimenyetso cy'igihugu cyaje.

⁴⁸ Amahanga atangira kwishyira hamwe, Titus azana ingabo zikomeye z'Abaroma n'Abagereki, maze azenguruka inkike za Yeruzalemu, yafungiranye abo bantu aho ngaho, nuko bicwa n'inzara. Barya igishishwa kiva mu biti. Josephus, umuhanga mu by'amateka akomeye, arabitubwira. Kandi barisha ibyatsi byo hasi. Ndetse batetse abana babo bamwe ku bandi maze barabarya; murebe, ukuntu bari ishyanga ryataye umutwe. Hanyuma, amaherezo, Titusi, asubira ku misozi, hafi ya Yeruzalemu aho ngaho, na—kandi abo bantu baho nabo bibwiraga ko bakora ubushake bw'Imana, ubwo babonaga izo ngabo zigenda. Banze kumva uwo Mwigisha Ukomeye, Umwami Yesu, ababwira ibyo bintu.

49 Nta n’umwe muri abo Bakristo wafatiweyo, kuko babonye ikimenyetso barimuka. Murabona? Baravuze bati: “Mureke abo bari ku gisenge cy’inzu ntibamanuke, cyangwa ngo uri mu murima asubire inyuma, gutwara ikoti rye; ahubwo muhungire muri Yudaya, hanyuma musenge kugirango uguhunga kwanyu kutaba mu gihe cy’itumba cyangwa ku Isabato.” Kubera ko, mu gihe cy’itumba, i—imisozi ishobora kuba yuzuye urubura; no ku muni w’Isabato, urugi—inzugi zari zifunze, irembo, kandi bari gufatwa muri ubwo buryo. Murabona? Turashaka kubona neza vuba na bwangu ku byerekeye . . . uburyo Imana ikora ibyo bintu, niba ari ubushake bw’Uwiteka.

50 Mwitgereze noneho, Ya . . . Basenze basaba ko byashoboraga kuba . . . si ko bimeze, Yesu yabasabye kubingera, kandi ntibigeze bafata n’umwe muri bo. Baragiye ’kuberako barebye ikimenyetso, nuko baragenda; ni cyo bagombaga gukora.

51 Yoo, burya amatorero uyu muni agomba kubona ikimenyetso cy’igihe turimo! Hungira uko ushoboye kose kuri Calvary, kubw’Ubuzima; ntabwo ari mw’itorero runaka, ahubwo ni kuri Yesu Kristo. Ihuze na We, kandi ntuhuze n’ishyirahamwe runaka cyangwa imyizerere y’itorero. Ihuze na Kristo, kandi umenye neza ko ari We. Ntushobora gufata ikintu icyo ari cyo cyose, ugomba gushyigikira ko ari We. Mbega igihe cy’ubumwe!

52 Noneho, dusanze ko banze Mesiya hanyuma bakishyira hamwe bakishushanya, bagakora i—i . . . icyifuzo muri bo ko niba hari abantu bakiriye Yesu nk’umuhanuzi, ko bashoboraga gucibwa mu itorero. Muribuka wa muhungu w’impumyi wisanze afite amaso ahumye? Abigishwa baravuga bati: “Ni nde wacumuye? We, cyangwa se, ni nyina?”

53 Yesu ati: “Muri uru rubanza, nta n’umwe; ariko ni ukugirango imirimo y’Imana ikorwe, imenyekanishwe.”

54 Kandi muribuka, bavuze ko se na nyina batashoboraga kuvuga. Baravuze bati: “Bazi ko uyu ari umuhungu wacu, ariko ntutuzi uko yakize.” Kubera ko Abayahudi bari baravuze ko umuntu uwo ari we wese uzavuga ko ari Umuhanuzi, ko azacibwa.

55 Ariko, murabona, imirimo y’Imana yari uko uyu muhungu atari muri iryo tsinda. Na we ati: “Noneho, ni ikintu kidasanzwe kuri njye utaruzi aho uyu mugabo aturuka, nyamara Yampaye amaso abona.” Murabona? Noneho, yashobora kubivuga. Murebe, ibyo byari imirimo y’Imana. Yari yarakize, kandi neza, kandi yarabishoboye—yashoboraga kubivuga kuko nta mugozi wari umuboshye aho ari ho hose. Kuri We ni ho imirimo yakorwaga, kandi rwose yari amubonye ubwa . . . ubwa mbere mu buzima bwe.

56 Noneho, abayahudi bishyize hamwe barwanya Yesu no—no kurwanya Ubumwe na na Mesiya, kandi n'Ubutumwa bwa Mesiya. Turabona ko ari cyo kintu kimwe ubu kiri kubaho, ikintu kimwe. Ubukomunisiti buhuriza hamwe gusenya itorero, n'inzira imwe rukumbi. . . ni nyuma yuko itorero naryo ryishyize hamwe, mu Nama y'Amatorero, Inama Mpuzamadini ku Isi, kubwo guhakana no gusenya Ubutumwa, Ijambo! Banze Ijambo, amatworo amatworo yahawe! Ntibashobora kubyemera kuko Binyuranye n'imyemerere yabo; naho Inkingi z'Umuriro zaba ari zingaha maze zigahagarara ha—hagati y'abantu, cyangwa abantu bangahe bakagira. . . cyangwa se ibintu ibintu bingaha byahanurwa nyuma bigasohora, n'ibimenyetso byose bikomeye Yasezeraniye mu gihe cya nyuma; ntibashobora kubikora.

57 Kubw'ibyo, barimo kwishyira hamwe bo ubwabo ubungubu, kandi pasiteri wawe hano n'abandi benshi bashobora kubikubwira, ibyo ni ibisomwa, ko bari. . . Gukora icyerekezo cy'impuzamadini yo ku i—i—isi. Kandi. . . hari umukozi w'Abaluteriyani hejuru yayo. Ibyo, haramutse habayeho ibiza, byabera hano muri kano gace; niba tutiyunze kuri urwo rugaga rw'impuzamadini, ubwo rero itorero ryacu ntirishobora kuba itorero na gato, kandi bashobora kurishyira mu bubiko. Cyangwa niba umwe muri twe Bene Data yabona umuntu apfa cyangwa akomeraka, akagerageza kumukuraho imigisha iyo ari yo yose yo mu mwuka, dushobora kubiharaniya; ni byo rwose. Dushobora guhabwa imyaka icumi muri gereza nkuru kubera ko twagerageje kugira icyo dukora, kubera ko tutari abanyamuryango b'uru rugaga rw'impuzamadini. Ntimubona ikimenyetso cy'innyamaswa? Murabona? Murabona?

58 Noneho, turabona ko igihe cyo guhuriza hamwe kigeze. Murabona? Noneho, mwitegereze! Noneho itorero ryishyize hamwe rirwanya Ubutumwa; hanyuma rimaze gukora ibyo, amahanga yishyize hamwe mu Gikomunisiti kugirango yongere gusenya itorero; gusa neza ni byo yakoze ubwambere. Murareba? Byongeye kwisubiramo neza neza.

59 Isiraheli yagombaga kubanza kwanga Ubutumwa. Kandi ubwo bangaga Ubutumwa, noneho igisirikare, ubuzima bw'abanyagihugu bwishyize hamwe ubwabwo (bw'ibindi bihugu), hanyuma burinjira nuko busenya itorero. Nine uyu muni, banze Ubutumwa bw'Umwami Yesu, nuko babushyira hasi. Noneho, igihe kirageze aho Abakomunisiti bahuriza isi hamwe kubwo kurwanya itorero. Murebe, bigomba kumera gutya. Noneho, biragoye kubivuga.

60 Byari bigoye kwizera kuri bo Abayahudi. Baravuga bati: "Noneho nimuze, bavandimwe, turabibona ko—ko ya—Imana yacu iri kumwe natwe, kandi natwe tuza—tuzajya mu rusengero. Noneho tuzasenga, kandi tureke mutagatifu padiri *Uyu-nu-yu* na mutagatifu padiri *Uyu-nu-uyu* bayobore mu masengesho. Funga irembo!" Titusi arahagarara, ahagarara hafi umwaka

cyangwa urenga. murareba, mu burinzi, kandi abicisha inzara ako kanya. Ntabwo bashoboraga kubaho habe n'umwe muri bo ndetse no kugera hanze y'umuji; barapfa, bicwa n'inzara. Agezeyo, asenya inkike, amaraso yamenetse atemba nk'inzuzi hepfo iyo ngiyo aho yakereye ibintu byose byari bihari.

⁶¹ Noneho, Umumarayika w'Uwiteka yahanuye, mu Isezerano rya Kera, maze avuga ko ibyo bizabaho. N'abo bakozi, abanyacyubahiro, bagombaga gushyirwa muri iyo myanya no kubwira abaturage ko, mu mwanya w'ibyo, ubwo Yesu yahagararaga hagati muri bo, We ntibanamumenye; hanyuma mugerageze gukora i-i...igisa i-ikirenge-cy'urukwavu, "Dukore amayeri, reka turebe uko—uko byakorwa! Twereke ikimenyetso." Murabona?

Na we aravuga ati: "Njye..." kubera iki, Yakoze ibintu byinshi, nyamara ntibashobora kubibona. Murareba? Kandi ubwo We bamwangaga nku... Ubutumwa bwo muri iyo minsi, banze Ubutumwa bwo muri icyo gihe.

⁶² Bananiwe kubona ikimenyetso cyo muri icyo gihe. Ikimenyetso cyu—cy'ubuhanuzi bwa Bibiliya bwakozwe mbere yabo, baravuga bati, "Reka twinjire nonaha!" Bari abantu bejejwe. Bari abagabo udashobora gutunga urutoki ku ubuzima bwabo. Ntibashoboraga kuba *ibyo*, hanyuma—hanyuma ngo babe na—na—n'abapadiri. Umupadiri yaricwaga, agaterwa amabuye kugeza apfuye azira akantu gato. Yagombaga rero kubaho imibereho itunganye, ubuzima bwejejwe. Ntiyashoboraga kubikora, kuko yari guterwa amabuye ku ubusa. Noneho bari abantu bakomeye, n'abagabo bejejwe imbere y'abantu, nyamara barinjira baravuga bati: "Noneho, tuzabikora... Twabonye Imana, Imana Yabanye natwe kuva kera. Tuzajya mu rusengero Rwayo rwera." Urwo rwari urusengero rwera rw'Imana! Ariko, murabona, yari yarirukanwe mu rusengero Rwayo rwera. Murabona? "Tuzinjira mu nzu y'Uwiteka. Noneho mwese Abaheburayo mumenye ko turi ubwoko bwatoranijwe, turi, hano. Kandi Imana ni Imana yacu; Imana ya Aburahamu, Isaka, na Yakobo. Iri kumwe natwe. Izadukiza abo Abafilisitiya batakebwe hanze aho (nk'uko byari bimeze), abo Baroma n'Abagereki. Izadukiza muri ibyo. Reka tujye mu nzu y'Uwiteka!"

⁶³ Ibyo byumvikana neza; ariko bari bakoze iki? Umwubatsi w'inzu yari ahari, mu buryo bw'umubaji w'i Galilaya uciriritse, nuko We baramwanga; igihe Imana yari yahamije ko ari Intumwa yayo y'igihe, n'Ishami. N'uko barabyanga. Amasengesho yose ro, umurava wose, ibitambo byabo byose ntacyo bivuze ku Mana. Bari barabikoze! Nuko Imana irareka izo ngabo zikomeye zishyira hamwe kugirango zibisenye.

⁶⁴ Kandi turabona uyu muni, nkamatorero anyuze mu madini n'ibindi, kwanga Ijambo ry'Imana. Ntibashaka ko

mubabwira kuri ibi bintu, kandi siyanse ishobora kubigaragaza ukoresheje amashusho n'ibindi byose, kandi n'ubu ntacyo bashaka gukoresha Ibyo. Ubukomunisiti rero burimo gushingwa ngo bubisenye, nk'uko Titusi yabigenje, kandi Bibiliya yavuze ko bazabikora. Ni ukuri!

⁶⁵ Noneho, murabona aho tugeze? Igihe cyo guhuza, iyo tubonye ibyo bintu byunze ubumwe. Yoo, kubera iki koko tunaniwe kubona ibyo bintu? Mushobora—mushobora kureba hano mu Byanditswe mukabona ahari ibyo yasezeraniye ko, azakora. Noneho, turabona ko birimo kuba. Turabona mu itorero ibyo Yasezeraniye gukora; turabona ko birimo kuba. Turabona amahanga yunze ubumwe. Turabona amadini yishyize hamwe. Turabona amatorero yunze ubumwe. Ni uguhuza igihe. Ni isaha yo guhuriza hamwe. Nguwo umwuka w'ibihe, “Tugomba guhuriza hamwe.” Ibintu byose muvuga bigomba kuba byateguwe; ndetse na guverinoma ntizabyakira.

⁶⁶ Murabizi, nk'umuturage... Ntabwo nshobora kuba umwenegihugu, nk'umunyamerika, nyamara nje—nje... mumpaye sheki y'amadorari atanu sinatinyuka gushyiraho izina ryanjye. Hmm. Murareba, sinshobora kubikora. Murareba, ni igihe cyo guhuza. Byose bigomba kunyura mu bumwe runaka, kandi ubwo bumwe ni cyo kintu kizana ikimenyetso cy'inyamaswa. Murareba? Ni igihe cyo guhuza, kandi kirimo gukora neza muri byo. Mushobora kubibona n'amaso yanyu asanzwe, niba mubireba. Ni gihe cyo guhuza, aho ibintu byose bihurira hamwe.

⁶⁷ Umuyahudi—Abayahudi bishyize hamwe barwanya Yesu, nkabo—nka Mesiya wabo. Kubw'ibyo, turabona uko byagenze. Turimo kubona ibintu nk'ibyo muri iki gihe, abakomunisiti bahuriza hamwe gusenya itorero, nyuma yuko itorero ryishyize hamwe mu Nama y'Isi y'Amatorero no kugerageza gusenya Ubutumwa, Ijambo ry'Imana. Bagerageza kurikuraho. Gusa icyo bashobora gukora ni ukwishushanyiriza inama, kuko batandukanye; itsinda rito hano, Abametodiste, n'Ababatisita, n'Abaluteriyani, na Peresibiteriyeni, Itorero rya Kristo, n'ibindi nk'ibyo. Ntibashobora kugira icyo bakora, kuberako *uyu* azaba arwanya *uyu*, *uyu* nawe arwanya *undi*, inyigisho zabo ziratandukanye cyane nk'iburasirazuba n'iburengerazuba. Murareba, ntibashobora kubikora. Ariko igihe kimwe bateraniye hamwe, muni y'ubuyobozi bukomeye, barabisobanukiwe. ni bwo babisobanukiwe.

⁶⁸ Ni bwo buryo aba Gatolika bari mu bumwe, Gatolika y'i Roma, birumvikana ko bari mu bumwe, ni... abenshi ni Abagatolika b'Abaroma; Abagereki n'abandi Banyagatolika nti—ntibameze nka Gatolika y'i Roma. Noneho bishyize hamwe, ni yo mpamvu bahagarara hamwe. ncyaba cyose Nta kibazo, uwo papa ni we mutwe wa byose. Urabona? Kandi ibyo undi muntu wese yavuga nta kibazo, “Ni we udakosa; ni—ni—ni

vikari w’Imana, ni ibyo; ari iruhande rw’Imana; afite ububasha kuri gehonomu, Ijuru, na purigatori.” Murareba? Nta kintu rero gishobora gukorwa kuri icyo kibazo; ibyo avuga byose, ni ko bigomba kugenda.

⁶⁹ Noneho, Abaporotestanti barimo kwigira umutwe nk’uriya, nk’uwo. Mbese Bibiliya ntivuga ko hariho ishusho yakorewe inyamaswa? Ishusho ni iki? Ni ibintu bisa, bikozwe nk’ibyo. ngibyo, ibintu bimwe. Ni iki? Mu guhuziza hamwe, kandi uyu ni wo mwuka w’ibihe, *urahuza*.

⁷⁰ Guhuriza hamwe nonaha, kubwo kugerageza gusenya Ubutumwa. Babusenya bate? Ni gute bashobora gusenya Ijambo ry’Imana? Bashobora gukora Ntakintu na kimwe, nta ngaruka, bafata imigenzo nkuko babigenzaga hariya mu itangiriro, no guhindura Ijambo ry’Imana nk’iritagira umumaro. Murabona, baravuga bati: “Yego, ibyo . . . Mu by’ukuri, nyuma ya byose, . . .” Murabona aho uyu mugore utizera agerageza . . . we . . . Nibagiwe izina rye ubu; niba nshobora guhamagara gusa. We . . . Ndimu kugerageza kubitekerezaho kenshi.

⁷¹ Ndi gutekereza kuri uyu Mudamu w’igihugu ubushize; nifuzako twagira undi nk’uriya agahaguruka. Ni we winjiye mu bwogero agashwanyagura whisky, akajugunya ibimene n’ibindi byose. Kuki abagore bamwe badahaguruka uyu munsu nka gutyo, nuko ngo basohoke hano basenye amwe mu mafoto y’abambaye ubusa hasi y’abagore bo mu bwoko bw’iwabo, n’ibindi nk’ibyo? Ibyo, ntibakibigira habe na busa.

⁷² Noneho, ariko uyu mugore, umuhemu, wabivuze i—ibyo “Bibiliya inyuranyije n’Itegeko Nshinga, kuyisoma mu mashuri ya Leta,” n’ibindi nk’ibyo.

⁷³ Noneho na bo, mwongeye kubona, bagerageza kuvuga nonaha, hamwe n’abashakashatsi bakomeye b’Ibyanditswe, yavuze ko: “byinshi byo mu buhanuzi bwahanuwe muri Bibiliya byari bibi rwose, kandi ntibyigeze bisohora.” Kandi mwigeze kubyumva murabisoma. Kandi baragerageza kuvuga kuri buri kintu cyose; murabona, bagerageza gusenya ingaruka z’iryo Jambo. Niba bashobora gusenya gusa no kubisimbuza Imyizerere cyangwa ikintu abo bagabo bafite, ibyo bisa mu maso yabo kuba byiza kuruta Ijambo, noneho babisenyesha i—imigenzo yabo. Kandi n’uburyo bagerageza gusenya Ijambo ry’Imana, bifashisha politiki y’amadini.

⁷⁴ Ubu, buri torero rifite politiki yaryo. Itorerero rya Kristo rifite iyaryo, itorerero rya Gikristo rifite iyaryo, n’Ababatisita, n’Abametodiste, n’Abaperesibiteriyeni; bese bafite politiki yabo itandukanye. Noneho, barimo kuva kuri ibyo kuko baratandukanye. Murarebe, ntabwo bashoboraga kubikora mbere, bafite kubikora ubu. Murareba, iki ni cyo gihe cyo guhuza, Kandi na none byose babishyize hamwe barabihuza bakareba icyo bakuramo. Yebaba we, ni nko guteka umutsima

mu nyama zifarashi, n'imyanda ivuye mu isafuriya, n'ibindi byose bari bafite hamwe; hanyuma ubikusanyirize hamwe, maze ujugunye ibirayi biboze n'ibintu byose hamwe, urebe icyo ukuramo. Nzi neza ko nta na kimwe muri byo. Oya, mugenzi! Uko ni ko babigenza. Murareba, bafata abantu bizera ko Yesu yari baringa, itorero ryizera ko Yesu yari baringa; ikindi, bamwe bizera ko yari umuhanuzi.

⁷⁵ Bamwe baravuga bati: "Iminsi y'ibitangaza yararangiye."

⁷⁶ abandi bati: "Hashobora kubaho ikintu nk'icyo."

⁷⁷ Kandi ibyo byose hamwe; na Bibiliya yaravuze iti: "Ni gute babiri bashobora kugendana mu nzira imwe batabyumvikanyeho?" Murareba? Noneho, ubwo ni bwo bumwe babonye. Kandi kugira data ukomeye kandi ukiranuka ashwirwe hejuru ya byose, kandi aho ni ho mubonera igishusho cy'innyamaswa, neza neza ni byo Bibiliya ivuga. Noneho babonye minisitiri w'Abaluteriyani, umuyobozi wacyo. Ni byiza, turabona ko bihuza igihe. Ikintu kimwe ubu, Ubukomunisiti kandi bose bahuriza hamwe; mw'isi, no mu rusengero n'ibindi, guhuriza hamwe.

⁷⁸ Reba imiterere. Oh, icyubahiro kibe icy'Imana! Imiterere, iyaba mwigereze gusa imiterere, iracyakora ibintu bimwe. Imiterere ni kalendari y'Imana y'ibimenyetso. Ibyo mwari mubizi? Yesu yababwiye kureba ibidukikije. Inyanja yaribiranduraga, nurareba, kandi hariho ibintu bitandukanye, hamwe n'umushyitsi ahantu hatandukanye, amakimbirane y'ibihugu, ibimenyetso mw'ijuru, ibimenyetso kw'isi, ahantu hose hashobora kuba ibimenyetso by'iki gihe kizaza.

⁷⁹ Murebe ibicu. Mbere yuko ibicu bishobora gutanga imvura, muzi uko bikorwa? Ibicu bito byinshi byishyira hamwe, bigakora igicu kinini. Ni byiza, ibi bisunikwa n'umuyaga mucye uhuha, ibi bindi nabyo bigasunikwa n'umuyaga mucye uhuha, kandi byose bihurira hamwe, hanyuma bigakora igihuhusi. Murareba? Byishyize hamwe mbere yuko bihuhwa n'umuyaga; ni ko bibigenza.

⁸⁰ Mwigereze ibishuhe n'imbata byishyira hamwe mbere yuko biva mu gihugu cyabyo. Murareba? Byishyira hamwe. Mushobora kubona biguruka biva muri iki cyuzi byerekeza muri kiriya, biva hano nijya hariya, byose bigahurira hamwe. Byishyira hamwe bigahuza, byitegura guhaguruka. Murareba, ni byiza . . . ibyo ni ibyaremwe, kandi Imana yaremye ibiremwa, kandi ibyaremwe bikora kubw'umugambi w'Imana. Ni amategeko, amategeko y'Imana atanditse, ko ibyaremwe bikora bikurikije amategeko Yayo.

⁸¹ Ni nko, kuvugira mu mihango yo gushyingura, hari amazizi amanuka mu mva, muni y'umuzi w'igiti, kugirango ahagume kugeza ku izuka mu itumba. Ni itegeko ry'Imana. Nta bwenge bushobora gutuma ayo mazizi ajya aho hantu;

ntushobora kuyakuramo, ntushobora kuyakamura. Nta buryo bwo kubikora neza kuruta uko Imana ibikora. Imana igira inzira zitungaye. Iyo rero ikibabi kiguye, imana yohereza amazizi hasi mu mva akagitwikira. Nkuko Yobu yabivuze ati: “Umpishe mu mva kugeza ubwo burakari Bwawe burangiye.” Murareba? Iramanuka hariya kuko ni itegeko rya kamere, mbere y’ubukonje. Murebe amababi noneho atangiye kugwa. Kubera iki? Ni itegeko ry’ibyaremwe.

⁸² Ibishuhe bizahurira hamwe, buri cyose muri byo, hanyuma biteranire hamwe bizengurutse umuyobozi wabyo. Aho ngaho bizamenya uburyo, sinzi uko bibigenza, ariko bizi ko iyo mbata ntoya ari yo muyobozi. Kandi iriya ngenzi yazo ntoya, zose ziraterana hanyuma zigahurira hafi yayo, zikagurukira rimwe mu kirere. Kandi zizabikora . . . ubu ntabwo muragera kuri icyo cyuzi, ariko zizahita zerekeza muri Louisiana cyangwa Texas uko zishoboye, mu murima w’umuceri. Nimurebe, mbere yuko zifata ikirere cyazo, kuva iwazo aho zavukiye muri uwo mwaka, zishyira hamwe. Amina! Amaherezo murahari; guhuriza hamwe n’umuyobozi wazo.

⁸³ Ikibazo cyabyo ni iki, hamwe n’umuntu, we ntabwo azi umuyobozi we. Ni byo, mugenzi. Bazahurira hafi y’idini, bazahurira hafi ya musenyeri cyangwa umugabo, ariko ntibazateranira hafi y’Umuyobozi, Umwuka Wera mu Ijambo. Murareba? Bati, “Yego, ni byiza, mfite ubwoba ko nzabona abafana bake; Mfite ubwoba ko nzahagarara ku maguru atari yo.” Yoo, ngayo nguko! Bite ho mu gihe akana gato k’imbata kavuze kati: “Gusa sinkunda uburyo abika amababa ye. Ntabwo nizera ko nzamukurikira.” Uzakonja kugeza gupfa. Uzafatirwa hariya, niba utajyanye ha—hamwe no kuguruka uko bikwiye. zihuriza hamwe ubwazo, kandi kamere karemano nayo irabikora.

⁸⁴ Imbata z’agasozi zishyize hamwe, ziterana zikikije umuyobozi wazo; zikora ikintu kimwe.

⁸⁵ Wigeze ubona inzuki zirigata? Inzuki zihuriza hamwe, mbere yo kuzunguruka, hafi y’umwamikazi wazo. Ni byo. Kandi aho agiye, nazo barajyana. Yego! Zikora iki? Zishyira hamwe mbere y’igitero. Ni ukuri; buri cyaremwe cyose!

⁸⁶ Amafi yishyira hamwe mbere yuko impeshyi itangira. Hagati mu nyanja, ushobora kuyabona; amanini . . . ayo twita: “humpys,” salmon. Iyo azamutse hariya, mbere yuko yiruka, uzayabona arenga ibihumbi icumi, hanze muri iyo nyanja, azenguruka hirya no hino; amazi y’umunyu, ariko muby’ukuri ni amafi meza. Kandi hano zizenguruka neza ayo mazi meza, kugirango zizamuke mu gihe zigeze igihe cyo gutera. Zirazamuka zikabyara, hafi buri myaka ine, zigapfa zikimara kubyara. Kandi ziba zizi ko zigiyeyo gupfa, kandi ntushobora kuzihagarika ntacyo ufite. Zizasimbuka urwego

rurenze urw'amafi n'ikindi kintu, maze zerekeze yo, zizi ko zigiye gupfa. Ariko amategeko y'ibyaremwe arabikora, zizi ko zizamuka zikabyarira mu mwobo, maze zigapfa. Kandi izikiri nto ziraza, kandi hari ikintu kizihuza icyo gihe, hanyuma zigasohokera mu nyanja zikagenda. Zirihuza! Ni amategeko. Ntushobora kurwanya amategeko y'Imana.

⁸⁷ Amahanga ni—arimo gucikamo ibice, kubw'igihe ubungubu turabibona ko—ko bagomba gukora ibi. Turi mu nzira yo guhungabanya igihugu. Turabona amahanga asesha umubano urimo gukendera. Umwaka ku wundi, dusanga *iri* shyanga rimirwa n'igikomunisiti; *iri* rizimirira muri komunisimu. Kandi hano mu gihugu cyacu, ni ubuki buvanze n'ubukomunisiti, kandi buzagitwara! Nimurebe, kizabikora, nta buryo bwo kubihagarika. Kubera iki? Ku mpamvu imwe y'uko udashobora guhagarika Titusi. Abantu banze Imana n'Ijambo ryayo. Yego, Mugenzi, ni uko bagiye kubigenza, kandi turabibona neza.

⁸⁸ Njye, mu bisanzwe, mfata amasaha abiri; Njye ubu maze iminota igera kuri mirongo itatu. Murareba? Ariko kugirango ibi byose bishoboke, ndasunika gusa. Urabyiga ugeze mu rugo.

⁸⁹ Menya ko, bari kumwe ubu. Uravuga uti: “Mwene Data Branham, ni byo?” Baraza kurugamba rwa Harimagedoni; neza ni byo bazakora. Murabona? Kandi barimo guhuriza hamwe kubw'ibyo. Ni yo mpamvu twabonye U.N. hamwe n'ibintu byose dufite. Isi y'Iburengerazuba yunze ubumwe kurwanya Isi y'Iburasirazuba, ubukomunisiti n'ibindi, byose birahurira hamwe. Amatorero arishyira hamwe. Ibintu byose bisa nk'aho biri kwihuza. Guhuriza hamwe, kwishyira hamwe, turabibona.

⁹⁰ Kandi, mu gihe ibyo byose bihuza igihugu, ibi bimenyetso, ibimenyetso by'igihugu, turabibona hano ku isi, umutingito ahantu hatandukanye, ibintu bitandukanye byihuza; guhuza isi, guhuza abantu, amatorero yose hamwe, ibyo bintu byose. Kandi mu gihe ibyo byose byo guhuriza hamwe bikomeje, hariho ukundi guhuza kuvuka. Amina! Ni byo nshaka kubereka nonaha.

⁹¹ Imana irimo guhuza umugeni wayo. Arahuriza hamwe, uhereye Iburasirazuba n'Iburengerazuba, n'Amajyaruguru n'Amajyepfo. Hariho igihe cyo guhuza, kandi kiriho ubu. Ni iki ahuza? Kuzamurwa. Amina! Imana na We imutegere. Yego Mugenzi, ukwihuriza hamwe! Ni iki Yihuza na cyo? Hamwe n'Ijambo! “Erega ijuru n'isi byose bizashira, ariko Ijambo Ryanjye ntirizashira.” Arimo kwihuza Ubwe n'UWITEKA ARAVUZE atitaye ku byo amadini ayo ari yo yose cyangwa undi muntu wese avuga. Arimo kwihuza We ubwe. Arimo kwitegura. Kubera iki? Ni Umugeni. Ni byo. Kandi Arimo Yihuza n'Umukwe We, reba, kandi Umukwe ni Jambo. “Mu ntangiriro hariho Jambo, Jambo yari kumwe n'Imana, kandi

Jambo uwo yari Imana. Kandi Jambo yambaye umubiri atura muri twe.”

⁹² Kandi Itorerero n’Umugeni n’Ijambo byahindutse umwe, kugeza ubwo Ijambo ubwaryo ririmo gukora imirimo y’umukwe. Amina! Murareba? Ukwishyira hamwe! Ntabwo bikiri ibyo ngo: “Injira mu itorerero;” ntabwo birenze *ibi*, ahubwo hunga byose usange Yesu Kristo. Murareba? Ni igihe cyo guhuza. Imana, guhuza Umugeni Wayo, Kugarura; neza neza. Guhuza Amagambo y’Isezerano Rye.

⁹³ Abatesalonike ba kabiri, igice cya 2; Haravuga ngo, muri iki gice cya 5 haravuga ngo, “Abera basinziriye mu mukungugu w’isi bazakanguka. Hanyuma noneho tuzahurira hamwe nabo (abazaba bakiriho, hamwe n’abapfuye), bazahura mbere yuko duhaguruka Hano,” Ni yo mpamvu Umugeni azaba yuzuye Nagera Ahongaho. Abariho, bihuza n’Ijambo, n’abagiye nabo ni ko babigenje; kandi Bose barahura, bagakora ubumwe bukomeye bwo guhuza mbere yo kuzamurwa Ahongaho. Amina!

⁹⁴ Ubukomunisiti bugomba kuzamuka, ibindi bintu bigomba kuzamuka, kandi itorerero na ryo rigomba kwishyira hamwe, ubwo ibyo. . . n’amahanga kubw’Inama y’Impuzamadini kw’Isi; n’Umugeni agomba kwishyira hamwe muni y’Ijambo ry’Imana. Kugirango akore ibyo, Imana yohereje ikimenyetso cyo mw’Ijuru n’ibindi bintu, Ibyo bigaragariza Itorerero, nk’uko Yabigenje ku mahanga. Amina.

⁹⁵ Imana; guhuza igihe! Ni byo, Mugenzi. Oh, mbega! Noneho, uribuka, ubungubu, hariho guhuza Ijambo (guhuza nanone), kugarura “Kwizera kwigeze gushyikirizwa abera.” Kugarura! Ko ibi byakorwa gusa muri iyi minsi. Igihe cyonyine bishobora gukorwamo ni kano kanya. Ntabwo yigeze yibasirwa ahandi; bagiyeye mu madini. Ariko ubu, ntabwo bikiri iby’ayandi madini, kuko igihe kirageze cyo guhuza abagabo n’abagore b’amoko yose, amabara yose, imyizerere yose, buri kintu cyose kiri muni ya Kristo Umubatizo w’Umwuka Wera no gusubira mu Ijambo.

⁹⁶ Guhuza igihe cy’Itorerero! Yoo, mbega! Guhuza Ijambo ryose ryatanyirijwe mu mahanga yose n’iyo miryango: kuva i Nikeya, Roma, igihe bateguraga itorerero rya mbere, kandi bateguye Luther, bateguye Wesley, bategura amatorero yose asigaye. Kandi gukora ibyo, bagombaga kwemeza imyizerere, hanyuma mu gihe Imana yohereje ikindi kintu, ntibashobora kucyakira. Kubw’ibyo, ntibyashobokaga kugeza ubu. Kandi Imana yasezeranije, mu minsi y’imperuka, ko “Kwizera kwa ba data kwari kongera gusubizwa Umugeni,” ko ari gutya byari kugenda, kandi ntibishobora kuba mu kindi gihe uretse iki gihe. Reba ikimenyetso kiva mw’Ijuru, nk’Inkingi y’Umuriro iri hagati muri twe, hamwe n’ibimenyetso n’ibitangaza by’Umwami Yesu Kristo. Kandi mu gihe atuvugisha, Ntabwo binanirwa kugenda

neza ku murongo. Amina! Noneho turabona aho duhagaze. Igihe cyo kwihuza!

⁹⁷ Turabona ibihugu byunze ubumwe, tubona isi yunze ubumwe, tubona abakomunisiti bunze ubumwe, tubona amatorero yunze ubumwe; kandi tubona Imana yihuza Ubwayo n'Umugeni Wayo, kugeza igihe We n'Itorero babaye ikintu kimwe. Haleluya! Nka piramide aho. Ni byo! Kwishyira hamwe; Imana yunze ubumwe! Kubera iki? Nta na rimwe, kuva mu itorero rya mbere, yari Inkingi y'umuriro mu bantu. Nta na rimwe, kuva mu itorero rya mbere, ntibigeze babona ibintu tubona uyu muni. Kandi ibi byashobokaga gusa mu gihe Imana yohereje Ibimenyetso Birindwi kandi ikaduha ikimenyetso cyayo inyuze muri Byo, yohereza Abamarayika barindwi bamanuka mu Ijuru; hanyuma ngo baze kugarura Ijambo ryataniye mu madini, hanyuma bakongera kurihambira ku Ijambo ry'Imana, kugirango rimanure Umwuka Wera We.

⁹⁸ Yesu yaravuze ati: “Niba mugumye muri nje n'Ijambo Ryanjye rikaba muri mwe, noneho musabe icyo mushaka cyose, Muzagihabwa.” Guhuza Umugeni n'Ijambo, ari ryo Mana. Itorero hamwe n'Ijambo, ntabwo ari Itorero n'imigenzo, Itorero n'Ijambo; Umugeni n'Ijambo byunze ubumwe. Yoo, icyubahiro kibe icy'Imana! Icyo ku...Kugarura iki? Ukwizera kwa ba data bo kuri pentekote ba mbere, murebe, bari baranyanyagiye hamwe n'itsinda rya Luther. Ntabwo ari Luther ubwe; ntabwo ari Luther, ntabwo ari Wesley, ntabwo ari abo bagabo bakomeye bashyizeho urufatiro. Ariko nyuma yo kugenda kwabo, hari itorero ryahagurutse, kandi bo...ni iki bakoresheje icyo gihe, bakoze ishyirahamwe. Bemeye imyizerere n'ibindi, nuko baragenda. Kandi ubarebe uyu muni, none binjiye muri iyo Nama y'Impuzamatorero y'Isi.

⁹⁹ Noneho, urabona, ariko mu minsi ya nyuma, urabona, tubona ibintu biriho ubu bitigeze bibaho mbere. Reba, ni ikimenyetso cy'Imana, kandi uku guhuza kwose ni ikimenyetso cy'igihe. Noneho, turashaka kubireba neza kandi tukamenya neza ko tubibonye. Kugenda...basize Ijambo ry'ukuri bisangira amadini; kwakira imyizerere n'ibitekerezo by'abantu batandukanye aho gufata Ijambo.

¹⁰⁰ Ibyahishuwe 10 haravuga hati: “Ubutumwa bwa malayika wa karindwi.” Noneho ibuka, ni byo kuri Impanda Zirindwi, kandi hariho abamalayika barindwi bavuze Impanda zirindwi. Ni byo tuza gukurikira. Ariko wibuke aho cyane cyane Yavuze ati: “Umumalayika...,” ntabwo ari Impanda ya Malayika wa karindwi, ahubwo ni “Ubutumwa bwa malayika wa karindwi.” Murareba, ntabwo ari Impanda ya malayika, Ubutumwa bwa malayika! Murareba, Umumalayika avuze impanda gusa, uriya mumalayika wa karindwi, malayika w'Impanda. Ariko ibi biravuga ngo: “Mu bihe by'Ubutumwa bwa malayika wa karindwi,” murebe, igihe Ubutumwa bwe burangiye. Murebe,

ubwo ni Ubutumwa bw'igisekuruza cy'itorero. Muri iki gihe, noneho yabikora...Ubutumwa, ntabwo ari Impanda, kandi "ibanga ry'Imana (ibyo byanditswe mu Ijambo) rigomba kurangizwa."

¹⁰¹ Noneho nimurebe umunsi turimo! Nimurebe ibyo bimenyetso, uburyo ibyo bishushanya iryo Jambo ry'Imana ryatanye, icyo Luther n'abandi bose, ni bo bagorozi bakomeye basohotse hanyuma; baragaruka vuba na bwangu maze babyerekana muri Bibiliya, aho bari; buri muntu wese mu mwanya we, icyo yagombaga gukora ndetse n'ibizaba ku itorero; yari gukora iki, n'ibyashoboraga kuba kw'itorero; ibyo byose yarabiretse. Hanyuma, ku munsi wa nyuma, mu gihe ntacyo twabimenyeho, yatubwiye ikintu runaka kandi kibaho; ndetse n'ibinyamakuru n'ibindi bintu byabigarutseho, birabihishura maze bihuriza ubwiru hamwe. Amina! Mwene Data, ibyo ni byiza kuri njye! Ibyo, kuri njye, biri mu murongo w'Ijambo. Amina! Sinitaye ku cyo—ku cyo, cyangwa, sinitaye ku cyo abantu bavuga, batekereza, ibyo ni byo, ariko kuri njye ni Ukuri.

¹⁰² Kimwe na ba banyabwenge, bamanutse bava i Babiloni, bavuzaga induru bati: "Ari he, Uwavutse ari Umwami w'Abayahudi? Ari kw'isi, kuri ubu. Tugomba kumushaka." Ni byo. Kandi nizera ko ari hafi kuza ku buryo nshobora kuvugana nti: "Dore Umukwe araje! Ndumva kunihira kw'igicuku!" Amina! Dufite ukuri mu gihe cy'imperuka. Oh, Imana ihabwe icyubahiro, igihe turimo. Kirabyerekana. Murabona?

¹⁰³ Mbega umunsi! Mbega igihe turimo, Ubu bwirubwira bukomeye bw'Imana burimo kurangira; buzanye Ubumana, bwerekana ibyo Ari byo; n'izo nyigisho nto zidasobanutse, bwaragiye We bumuhindura *iki*, umuntu runaka yamugize *iki*, umuntu runaka yamugize *icyo*. Ariko Malayika w'Uwiteka aramanuka azana izo nyigisho zabo zose zidasobanutse, akuramo Ukuri muri zo, maze ko arakugaragaza. Kandi Kuri aho, nk'uko bitunganyeho bishoboka, nta yindi nzira ushobora kunyuramo. Ni uko bimeze, ni cyo We ari cyo. Nimurebe, Urubyarwo rw'inzoka, byose ibi—ibi bintu byose bitandukanye byahozze ari ubwiru mu bantu. Murareba? Ni ki? Yari afite...Iki ni ikimenyetso cy'iki? Ubumwe!

¹⁰⁴ Yavuze ngw'iki muri Malaki 4? Byagombaga kugarurwa! Kugarura Ukwizera kwa mbere kwa pentekote, kugasubizwa abantu bafite Ubutumwa bumwe bwa pentekote, ikimenyetso kimwe cya pentekote, ibimenyetso bimwe bya pentekote, Imana imwe, Imbaraga zimwe, inyigisho zimwe, ibintu byose neza, hamwe no gutsindishirizwa n'inkingi imwe y'umuriro yakubise Sawuli ku muhanda, umanuka ujya i Damasiko ari muri twe uyu munsi, ni we ukora bintu nk'ibyo yakoze uwo munsi. Kunga ubumwe!

¹⁰⁵ Turabona amahanga yunze ubumwe, tubona isi yunze ubumwe, tubona amatorero yunze ubumwe. Turabona Umugeni ahuza, yihuza n'Ijambo. Kubera iki? Ijambo ni Imana. Kandi nk'Ijambo... Nk'umukwe (kuba Ijambo), n'Umugeni (kuba uwumva Ijambo), Bateranira hamwe. Bunze ubumwe nk'ugushyingiranwa. Reba, Barimo kwitegura ubukwe, kandi Bo—Bahinduka Umwe. Ijambo rihinduka wowe, wowe ugahinduka Ijambo. Yesu yaravuze ati: "Muri iyo minsi ni ho muzabimeya. Data ni, Ndiho; kandi icyo Ndi cyo cyose, uri; kandi icyo muri cyo cyose, ni cyo Ndi cyo. Muri iyo minsi muzamenya ko ndi muri Data, Data akaba muri Njye, Njye nkaba muri mwe, namwe mukaba muri Njye." Murareba? Muri "iyo minsi." Ni iyihe minsi? Iyi minsi! Tubona ko amabanga akomeye ahishe y'Imana ahishurwa. Yoo, mbega ukuntu ibyo mbikunda!

¹⁰⁶ Yoo, murareba uburyo siyanse n'Ijambo bidashobora kugereranywa, nk'uko babikora muri iki gihe. Ntibashoboraga kubikora mbere. Ubu ni bwo bashoboraga kubikora.

¹⁰⁷ Menya ko, We yavuze, ati: "ibimenyetso byo mw'ijuru, ibimenyetso byo mu ijuru." Ubumenyi, n'ibimenyetso by'igihugu; ubu bafite ibimenyetso mu kirere yu muni, bafite ibyogajuru n'ibintu byose. Ariko aba bahanga mu by'inyenyeri bakora iki kw'isi, ikimenyetso? Bibatera ubwoba. Ntabwo bazi isaha bashobora kohereza ibintu nk'ibyo hanyuma bakajugunya ibyo bisasu hasi gusa, nuko ntitube tukiriho. Murabona? Noneho ibyo ni ibimenyetso babonye, ibintu biteye ubwoba mw'ijuru. Murabona? Babonye, misile za atome n'ibintu byose, ibimenyetso by'ubwoko bwose.

¹⁰⁸ Urabona aho basinyiye aya—aya masezerano, ejobundi, ko bagiye guhagarika kuzongera guturitsa ibindi bisasu hanze, ariko ubu bagiye muni y'amazi no muni y'ubutaka, babigeragerezayo kimwe. Murabona? Basinyana amasezerano ngo, "Ntabwo tuzabikora, niba muvuzwe ko mudashaka kubikora (ariko tuzasubira mu rugo kandi tubikore gutya; mu gihe tuzi ko namwe murimo kubikora gutyo)." Murabona? Nta kintu gusa, gusa ni... nta kwizerana kuri hagati yabo, nta—nta kintu na kimwe. Mushobora... murareba? Kandi buri wese atinya undi. Icyo ni ikimenyetso giteye ubwoba.

¹⁰⁹ Siyanse n'umuntu n'amahanga byatanze ikimenyetso giteye ubwoba mw'ijuru. Ni byo rwose. Noneho, gutinya mugenzi wawe. Kandi habaye ikimenyetso cyo mw'ijuru giha... Murareba ubu, babonye ikimenyetso mw'ijuru na cyo, ikimenyetso giteye ubwoba, umuntu uri mu cyogajuru; gishobora kugira misile ya atome, kandi gishobora kurimbura no gusenya igihugu cyose. Baragurukira mu cyogajuru, bagahagarara hano. Nta kintu na kimwe kibabuza kubikora. Bashobora rwose kubikora, ba... igihe cyose bashakira kubikora. Bashobora kumuzana mu mukungu niba babishaka, ariko... mu minota

cumi n'itanu uhereye ubu. Kandi icyo umwe ashobora gukora, undi nawe yabikora muri ubwo buryo. Noneho, urabona ko babonye ikimenyetso, ariko icyo kimenyetso kibatera ubwoba.

¹¹⁰ Bishyize hamwe, bashyira imbaraga zabo hamwe. Isi y'ubuntu, bashyira hamwe imbaraga zayo. Ubukomunisiti bushyira imbaraga hamwe n'Uburusiya. Umuntu wese; ariko buri wese atinya undi. Murebe, ni ikimenyetso giteye ubwoba. Ni byo. Ibyo ni ibimenyetso by'igihugu, n'ibindi nk'ibyo.

¹¹¹ Ariko Itorero ryakiriye ikimenyetso cyo mw'Ijuru: Icyogajuru! Amina! Yesu Kristo, mu buryo bw'Inkingi y'Umuriro; uko yari mu Isezerano rya Kera, ni ko Yari ari ubwo yahuraga na Sawuli ku muhanda umanuka ujya i Damasiko, ni wawundi Yesu uri hano uyu muni! Kandi Bikora iki? Bitera ubwoba? Bizana urukundo, uguhuza umwe ku wundi. Amina! Ibyiyumvo kuri mugenzi wawe. Bizana Urukundo rw'Imana, yemwe, biraduhaza kandi bikatuzanira, Umubiri wa Kristo, mu bumwe nk'Umugeni. Ni byo ikora ubu, ubu bumwe bukomeye Imana . . .

¹¹² Barimo kwishyira hamwe, itsinda rimwe *hano* mu kurwanya irindi, itsinda rimwe *hariya* mu kurwanya irindi. Hano itorero rihagaze hagati yabo; murebe uko bigenda, rizihuza na bo. Ni byo rwose. Ariko, ubu, dusanze bitera ubwoba no guhindagurika.

¹¹³ Ariko Itorero, Umugeni, ryahujwe n'Imana imwe, muni y'Umwuka umwe, Umwuka w'Imana, mu bumwe bwera bw'Imana, kuba Umugeni wera umwe ku Mana. Ni byo, byose hamwe; ubumwe bw'Umubiri. Umubiri utegereje nk'Umugeni; nku-nk'uko Ari Umugeni, nk'uko twiyita Umugeni. Mu gihe cyo guhuza Umugeni, Itorero riraterana cyane. Bikwiye kurema urukundo gusa muri twe, ku buryo umwe adashobora kuba kure y'undi. Ni byo. Iyo uri gusa, ntugomba gusaba abantu gusenga, ntugomba kudasaba gusenga Imana, ntugomba kudasaba gukora igikwiye. Barayikunda cyane, kugeza igihe Yo nta kindi bayirutisha.

¹¹⁴ Utekereza iki ku mukobwa muto, umujakazi mwiza rwose, ugiye kurongorwa n'umusore mwiza cyane ku buryo bakundana byasaze, bivuze byinshi kuri we kuruta ubuzima bwe bwite, kandi ahita amenya ko bagiye kurushinga? Mu gihe uwo muni w'ubukwe wegereje, uriya mukobwa muto, ndababwira, atangira "kwigenzagenza." Murareba? Arimo gutegura ibintu byose; aramwiyegurira rwose. Ni byo. Ikintu cyose kimushimisha, ni cyo ashaka gukora. Ni byiza, iyo ni yo igomba kuba inzira y'Itorero uyu muni, ku buryo ubuzima bwacu bugomba guhishwa mu Mana binyuze muri Kristo, Gushyirwaho ikimenyetso cy'Umwuka Wera.

¹¹⁵ Ikintu nabigishije hano, kirababwira ibi bimenyetso n'ibintu bitandukanye birimo kuba, Ntabwo nabonye umwanya

wo kubikora ubu; bizaza mu bundi butumwa, Uwiteka nabishaka. Ariko hariho ikintu gito nyamara kibura mu Itorero. Kandi turashaka ko, kugirango tubigereho, kandi ndenda kubisingira nonaha. Murabona? Turashaka kubigeraho, niba... mufite kubikora. Niba mudashaka kubikora, ibyo ari byo byose, mugomba kubikora. Kuko nimwitegereze, igihe cyo kwiyunga hamwe kirageze, kuko Imana irimo guhuriza hamwe Itorero kugirango habeho i—Izampurwa kujya mu bukwe kubw'ubumwe bukomeye: Ubwo Imana n'umuntu bazahuriza hamwe ubuziraherezo, Ubwo ibyaremwe by'igihe bizungu ubumwe n'ibihe bidashira.

¹¹⁶ Byigeze gukorwa mu buryo bw'Umwana w'umuntu kw'isi. Kandi yagombaga gutanga ubuzima bwe kugirango azane imbaraga, ahuze abandi bantu n'izo mbaraga zimwe, ku Umugeni wa Yesu Kristo. Noneho Itorero ryishyize hamwe mu mubiri wa Kristo. Ryabonye ukubohoka, ryitandukanya na buri kantu gato, ryitegura; guhurira hamwe, ubumwe hagati muri bo; yewe, urukundo n'umunezero, n'Umwuka Wera ugendagenda hagati muri bo. Oh, icyubahiro kibe icy'Imana, mbega igihe!

¹¹⁷ Mu gihe tubona imbata zitegura, tubona imbata zo mu gasozi zitegura, tubona inyamaswa...inzuki zitegura, tubona ibicu bitegura imvura, tubona byose; uburyo byishyira hamwe, kugirango bisunike cyane. Turabona Umuryango w'ibihugu, w'ibihugu biri hamwe, byishyira hamwe mu gikomunisiti. Tubona byishyira hamwe hano mw'Isi y'Iburengerazuba. Tubona itorero ryishyize hamwe, n'ayo yandi yose. Ntibishoboka rwose, nta kindi gihe gishobora kumera gutya; ntibyashoboraga kumera gutya hashize imyaka makumyabiri, bidashobora kumera gutya. Ntabwo byashobokaga na hato kumera gutya hashize imyaka icumi, bigomba kuba ubungubu. Murareba, kuko izi nyigisho zidasobanutse n'ibindi ntabwo byigeze biba aha hantu.

¹¹⁸ Noneho nimukanguke! Mubigenzure ubwanyu, byihuse, kandi murebe hano aho tugeze! Tugeze he? Kimwe n'abanyabwenge, dukwiriye guhuza n'Ijambo Rye, kandi Umucyo w'Uwiteka urabagirana mu nzira zacu. Imana ihabwe icyubahiro Gihanitse. Kandi Imana ihabwe icyubahiro Yo yaduhaye Yesu Kristo, uwo dukunda, kandi watuzanye aha hantu. Kandi nk'uko turi...Turi ubwoko Bwe, twaguzwe igiciro cy'Amaraso Ye.

¹¹⁹ Oh, icyubahiro kibe icy'imana! Igihe cyo guhuza nikigera, turimo kubireba, mu gihe twunze ubumwe mu mubano w'Umwuka We, tu...Bishobora kuba ari Umwuka We? Ni byo, ni Umwuka We. Kuki ari Wo? Ni Ijambo Rye, kandi Ari...uwo ni Umwuka w'Ijambo. Kandi ubwo uwo Mwuka w'Isezzerano wazaga kuri wowe ukemeza kandi ukiyerekana hano, ni Umwuka umwe? Ni Wawundi wari kumwe na Mose mu butayu! Ni Umwe wari kuri Yesu Kristo! Ni Wawundi wahuye

na Sawuli mu nzira yerekeza i Damasiko! Uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose! Kandi Akora ibintu bimwe!

¹²⁰ Kandi tubona ko amahanga ari kwishyira hamwe, tubona imitwe y'amatorero yishyira hamwe, tubona abakomunisiti bishyira hamwe, tubona inyigisho zidasobanutse zishyira hamwe, tubona ibi bintu byose; none turabona Umugeni yihuza n'Ijambo. Oh, icyubahiro kube icy'Imana! Igihe kirageze ko abera bazazuka ngo bishyire hamwe n'abazaba bakiriho, bakajya kunga ubumwe na Yesu Kristo ubuziraherezo.

¹²¹ Imana idufashe, buri wese, kwishyira hamwe na Kristo iri joro, tuzigomwa ibyo turi byo byose, ibintu byose dufite, ubugingo bwacu bwose, umubiri, n'ibitekerezo byacu byose, kuri Yesu Kristo, kandi dushakisha igihe cyo guhuriza hamwe.

Igihe impanda y'Imana izumvikana, kandi nta gihe kizongera kubaho ukundi,
Kandi igitondo cy'ikiruhuko cy'Iteka,
kirabagirana kandi cyiza;
Igihe abapfiriye muri Kristo bazazuka bagateranira hakurya y'inyanja, (hamwe n'Umugeni uzaba akiriho, kugira ngo bazamurirwe hamwe.)

¹²² Nimurebe ku bumwe! Imana ihuza Itorero n'Ijambo ryayo, Ijambo n'Itorero, byombi bihinduka umwe, "Vuga *ibi*, kandi bizabaho. Kora *ibi*, kandi bizabaho. Ibi ni ko bimeze; uyu ni Njye imbere yanyu, uyu ni Njye ndabigaragaza; uyu ni Njye hamwe namwe." Ni byiza.

¹²³ Turabona ko noneho igihe kigeze ubwo Impanda yumvikanye, kandi abo bera basinziriye bakagaruka, ntibishobora gutungana tutari kumwe; baradutegereje (Abaheburayo 11); kandi ubwo bazateranira hamwe, bazunga ubumwe n'abazaba bakiriho. Itorero ryihuza n'Ijambo, hanyuma Itorero n'Ijambo byihuriza hamwe, bikaba umwe. Abera bapfuye n'abera bakiriho bishyira hamwe ngo babe umwe; kandi bose bajya hamwe kugirango bahuze na Kristo murabyumva, kubw'Ibirori by'Ubukwe bw'Umwana w'intama.

¹²⁴ Ni uguhuza igihe, kandi ibimenyetso bisakara ahantu hose. Ibimenyetso biri mu mahanga, ibimenyetso biri mu bukomunisiti, ibimenyetso biri mu Bihugu by'Iburengerazuba, ibimenyetso biri mu Nama Mpuzamatorero. Kandi Ikimenyetso kiri hano iri joro kiyobowe n'Umwuka Wera, n'Ijambo ry'Imana rirabyemeza kandi rikabihindura Ukuri. Amina! Guhuza igihe! Ikimenyetso cy'Igihe cyo Guhuza!

Reka twunamishe imitwe yacu.

¹²⁵ Mwami Yesu, nk'uko umutima wanjye ukennye usimbuka kubwo kwishima, nk'uko mbona ibinshobokera, nnyewe umusaza woroheje, ariko, ibishoboka kuri njye ni ukukubona

Uje muri iki gisekuru; ukaza kubana natwe maze ugahagarara hano, ukareba igihe iyo Impanda yumvikanisha ijwi rivuga riti: “Uwanduye akomeze yandure. N’ukiranuka, akomeze arakiranuke. Uwera, nakomeze kuba uwera.” Yoo Mwami Mana!

¹²⁶ No kudutekereza duhagaze, mu kanya, mu kanya nk’ako guhumbya, igihe isi itazamenya ibirimo kuba, ariko mu buryo butunguranye, muzabona kugaragara kwe imbere yanyu, abakunzi banyu batashye, baje kongera guhuriza hamwe namwe. Kandi tuzahindurwa mu mwanya muto, mu kanya nk’ako guhumbya; hanyuma duhurizwe hamwe, twese, kugirango duhuriye n’Umwami wacu mu kirere. Hanyuma twunge ubumwe na We, kugirango tubaneyo iteka, kandi ntituzongere kuva mu Ukugaragara Kwe ukundi.

¹²⁷ Mbega ikintu gikomeye uyu munsu, Mwami, kumenya ko ubu duhurijwe hamwe n’Umwuka umwe. Umwuka umwe, Umwuka Wera, yafashe Ijambo mu biganza Bye, aza muri twe. Kandi mbega ikintu gikomeye, mbega amahirwe yo guca intege isi yose, guhuriza hamwe na Yesu Kristo. Kandi gutekereza ko umunsu umwe, mu buryo bw’umubiri, hamwe n’umubiri umeze nk’umubiri We Bwite w’ubwiza, tuzasangirira hamwe ku kumeza mu Birori by’Ubukwe kandi hazabaho guhurizwa hamwe maze dushyingiranwe na We; kubaho nk’Umugeni n’Umukwe mu bihe byose bigiye kuza, binyuze mu Iteka ridashira.

¹²⁸ Mwami Mana, ibi ntibibe ibitekerezo bidasobanutse mu bantu, ariko bihinduke ukuri kugeza ubwo iyo nzara n’inyota bizinjira mu bantu ku buryo baza... gusoma ibinyamakuru byabo, kureba... gutega amatwi radio n’amakuru, no kubona ko ari igihe cyo guhuriza hamwe. Ibimenyetso birimo kwigaragaza.

¹²⁹ Mwami Imana, nk’uko twavuze ku bagore, icyo bari gukora mu minsi y’imperuka; icyo itorero ryari gukora mu minsi ya nyuma; n’icyo Ibihe by’Itorero byari kuba cyo n’icyo Ibimenyetso byari kuba cyo, ibyo bintu bindi byose. Kandi turabona ari nk’uko byari bimeze, mu gihe cya Nowa. Turabona uko byari bimeze, mu gihe cya Sodomu na Loti, igihe Malayika w’Imana yigaragazaga We ubwe mu mubiri w’umuntu, urya inyama z’inka ukanywa amata y’inka, ukarya n’umugati; agahagarara aho, agashobora kuvuga ibirimo kubera inyuma Ye. Kandi Yesu yavuze ko ibintu nk’ibyo bizabaho mu gihe cyo kugaruka k’Umwana w’umuntu.

¹³⁰ Mwami Imana, twabonye piramide, uko twayubatswe hariya, kandi tubona uburyo twongeyeho ibyo bintu; dusanga turi mu bihe bya nyuma, dutegereje Shefu Cornerstone. Imana ihabwe icyubahiro! Turasenga, Data, kugirango Ukangure abantu, vuba nonaha, maze uduteranyirize hamwe, hamwe n’urukundo rw’Imana kandi rwubaha Yesu Kristo ndetse n’abandi bose.

¹³¹ Niba hano muri iri joro hari umuntu udafite ibyiringiro byo kugumana na mwe, Wazamurira Imana ikiganza cyawe ukavuga uti: “Mwami Imana, mpuza na We, umpuze na We”? Imana iguhe umugisha, mwene Data. Imana iguhe umugisha, na we, wowe; yego. “Unyunge na We, Mwami.” Yego! Yoo, Mana yanjye!

Amahanga arasenyagurika, gukanguka kwa
Isiraheli,

¹³² Reba Isiraheli hariya, yunze ubumwe. Isiraheli, iturutse impande zose z’isi, yaje kwihuriza hamwe; kwihuriza hamwe none ni igihugu. Ni igihugu cyunze ubumwe: hamwe n’ibendera ryabo, ifaranga ryabo bwite, ingabo zabo, na buri kintu cyose; niba barigeze kubaho, bariho ubu. Isiraheli yunze ubumwe, Roma yunze ubumwe, itorero ryunze ubumwe. Kandi Umugeni arimo kwihuza, amina; no kuza k’ubwo Bumwe bukomeye. Ni iki? Byose bihera kuri icyo Kimenyetso, icyo Kimenyetso cy’ibanze, Yesu n’Umugeni We bahuza nk’umuntu umwe.

¹³³ Mana Data, tanga iyi migisha nsabira aba bantu, kandi twifatanije nawe mu mutima n’umwuka, nk’uko bazamuye ibiganza, babishaka. Mwami Mana, udusukure kandi utugire uwawe; biduhe, Mwami. Ibyo ari byo byose tuzi kandi dushobora gukora, ni ugusaba. None Wavuze ko niba dusabye kandi twizeye, tugomba kubihabwa; Ndashakira, Mwami. Ndagushimiye mw’Izina rya Yesu Kristo. Amina.

Ndamukunda, ndamukunda
Kuko yabanje kunkunda
Ambonera agakiza kanjye
Ku giti cy’ i Karuvari.

Amina. Yoo, icyubahiro kibe icy’Imana!

Dore Umukwe araje!
Ndumva imirindi ye mu gicuku!
Tuzazamuka turangurura amajwi, niba twese
dushikamye,
Kandi tumusanganire mu bicu.

Itegereze kandi usenge, mwene Data,
Kugira ngo hatagira umuntu ufata ikamba
ryawe,
Kubw’abadakomeye mu gakiza ndetse
n’abasubiye inyuma
Ntibazambara ikanzu y’ubukwe.

¹³⁴ Ni byo. Reka twitegure ijwi rya n’ijoro. Riza mu gihe mutatekerezaga. Hazabaho Ijwi riranguruye, ntabwo biri mu isi y’abatizera; bizaba ari ibanga. Ariko abizera, bashakisha ibi: Urabona inyenyeri ziza ku murongo? Urabona? Byatanze iki? Nk’uko rwose byagenze bwa mbere. murebe, hano turi, ibimenyetso birimo kuza.

Turabona ibimenyetso bigaragara
 by'umugisha wo Kuza Kwe,
 Dore amababi y'umutini ubu ahinduka icyatsi
 kibisi;
 Ivanjili y'Ubwami yogeye mu mahanga yose;
 Kandi turi hafi, imperuka ishobora kuboneka.
 Noneho ku bw'umunezero, usabye,
 turamamaza Ubutumwa bw'umugisha
 wo kugaragara Kwe,

¹³⁵ Ni byo? Yoo, “Kumenyesha Ubutumwa bw'umugisha wo kugaragara Kwe!” Ni byo tugomba gukora. Kubwira abantu bose ngo: “Nimwitegure, mwitegure guhura n'Imana.” Amina! Ndamukunda. Yoo, burya ndamukunda. Noneho, reka duhaguruke ku birenge byacu nonaha. Mu gihe dusabirana, twigire hino maze duhane ibiganza, hanyuma tuvuge tuti:

Kugeza duhuye!

Fata ikiganza, nonaha.

. . . kugeza duhuye!

Kugeza duhuriye ku birenge bya Yesu;

Kugeza . . .

Wibuke, ushobora kugira umuhamagaro, amateraniro yacu ataha ashobora kubera ku birenge Bye.

Yoo, Imana ibane namwe kugeza igihe tuzongera guhura!

¹³⁶ Noneho, tekereza, mbere y'uko twongera guhura; mbere y'uko duhura ku Cyumweru mu gitondo, cyangwa kuwa Gatatu nijoro, birashoboka . . . ikintu cya mbere muzi, hari umuntu wabuze. Uyu yabuze, kandi bagiye. Yoo, gutekereza umugabo wawe yabuze, cyangwa umugore wawe yabuze, kandi nu—n'umugore wa Yohani yabuze, kandi—kandi—kandi hano hano abana babuze. Byose byabaye (byagenze bite?), Noneho usigaye inyuma!

Yoo mbega kurira no kuboroga,
 Ubwo abazimiye bazaba bahemberwa ibyabo;
 Batakambiye urutare n'imisozi, (Kimwe na
 Isiraheli, basubira mu murwa, ku rusengeru.)
 Barasenze ariko amasengesho yabo yari
 impitagihe. (Banze Ubutumwa.)

¹³⁷ Yoo, muvandimwe, ntuzigere ukora ibyo. Ibyo wakora byose, hagarara ushikamyeye ku byizerwa! Yego, Mugenzi!

¹³⁸ Noneho, kugeza duhuye, tuzakora ibi:


Fata Izina rya Yesu,
 Nk'ingabo kuri buri kintu cyose;
 Iyo ibigeragezo bikuzengurutse, (Ukora iki?)
 Uhumeke Izina Ryera mu masengesho.

Izina ry'agaciro, Yoo mbega ukuntu riryoshye!
 Ibyiringiro by'isi n'ibyishimo byo mu Ijuru;
 Izina ry'igiciro, yewe mbega uburyohe!
 Ibyiringiro by'isi n'ibyishimo by'Ijuru.

¹³⁹ Reka twunamisha imitwe nonaha, mu gihe turirimbira mu mutima:

Ku Izina rya Yesu twunamye,
 Twikubita imbere y'ibirenge Bye,
 Umwami w'abami uri mw'Ijuru...
 Tumwambike ikamba,
 Ubwo urugendo rwacu ruzaba rurangiye.
 (Bizaba, umunsi umwe.)

Yemwe Izina ry'agaciro, (Izina ry'agaciro!) Yoo mbega uburyohe!

Kugeza ubwo tuzongera guhura, Imana ibane namwe.
 Ibyiringiro by'isi hamwe n'ibyishimo byo mu Ijuru;
 Izina ry'agaciro, yewe mbega uburyohe!
 (Mbega uburyohe!)
 Ibyiringiro by'isi hamwe n'ibyishimo byo mu Ijuru. 

63-0818 Igihe cyo Guhuriza Hamwe n'Ikimenyetso
Urusengeru rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2024 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org